



Umwaka wa 63  
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe  
yo ku wa 26/03/2024

Year 63  
Official Gazette n° Special of  
26/03/2024

63<sup>ème</sup> Année  
Journal Officiel n° Spécial du  
26/03/2024

***Ibirimo/Summary/Sommaire***

***page/urup.***

**Itegeko Ngenga/Organic Law/Loi Organique**

<b>Itegeko Ngenga n° 001/2024.OL ryo ku wa 15/03/2024</b> rigena ibikurikizwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.....	2
<b>Organic Law n° 001/2024.OL of 15/03/2024</b> determining procedures for Parliamentary oversight over Government activities.....	2
<b>Loi Organique n° 001/2024.OL du 15/03/2024</b> déterminant les procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement.....	2

<p><b>ITEGEKO NGENGA N° 001/2024.OL RYO KU WA 15/03/2024 RIGENA IBIKURIKIZWA N’INTEKO ISHINGA AMATEGEKO MU KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA</b></p>	<p><b>ORGANIC LAW N° 001/2024.OL OF 15/03/2024 DETERMINING PROCEDURES FOR PARLIAMENTARY OVERSIGHT OVER GOVERNMENT ACTIVITIES</b></p>	<p><b>LOI ORGANIQUE N° 001/2024.OL DU 15/03/2024 DETERMINANT LES PROCÉDURES DE CONTRÔLE DE L’ACTION GOUVERNEMENTALE PAR LE PARLEMENT</b></p>
<p><b><u>ISHAKIRO</u></b></p>	<p><b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b></p>	<p><b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko ngenza rigamije</b></p>	<p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Organic Law</b></p>	<p><b><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi organique</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Abakorerwa igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 2:</u> Persons subject to oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 2 :</u> Personnes assujetties au contrôle de l’action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 3:</u> Ibikorwa bya Guverinoma Inteko Ishinga Amategeko igenzura</b></p>	<p><b><u>Article 3:</u> Government activities subject to parliamentary oversight</b></p>	<p><b><u>Article 3 :</u> Action gouvernementale assujettie au contrôle par le Parlement</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 4:</u> Gushyira mu bikorwa inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Performance of the function of oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 4:</u> Exercice de la fonction de contrôle de l’action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 5:</u> Ikigamijwe mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Purpose of oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 5:</u> Objet du contrôle de l’action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: OVERSIGHT OVER GOVERNMENT ACTIVITIES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: CONTRÔLE DE L’ACTION GOUVERNEMENTALE</u></b></p>

<p><b><u>Icyiciro cya mbere:</u> Gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Section One:</u> Initiating oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Section première :</u> Initiative du contrôle de l'action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6:</u> Uburenganzira bwo gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 6:</u> Right to initiate oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 6 :</u> Droit d'initier le contrôle de l'action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Ibifasha Inteko Ishinga Amategeko kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Section 2:</u> Tools for parliamentary oversight over government activities</b></p>	<p><b><u>Section 2 :</u> Outils de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 7:</u> Uburenganzira bwo guhabwa amakuru</b></p>	<p><b><u>Article 7:</u> Right to access information</b></p>	<p><b><u>Article 7 :</u> Droit d'accès aux informations</b></p>
<p><b><u>Akicro ka mbere:</u> Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Subsection One:</u> Informing Parliament of Government programme and activities</b></p>	<p><b><u>Sous-section première :</u> Information du Parlement concernant le programme et l'action du Gouvernement</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 8:</u> Gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko Gahunda ya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Presentation before Parliament of Government programme</b></p>	<p><b><u>Article 8 :</u> Présentation devant le Parlement du programme du Gouvernement</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Informing Parliament of Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 9 :</u> Information du Parlement concernant l'action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Kumenyesha Umutwe w'Abadepite uko ubukungu Rusange n'ingengo y'imari bihagaze na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta</b></p>	<p><b><u>Article 10:</u> Briefing the Chamber of Deputies on macroeconomic and budgetary developments and report on State budget execution</b></p>	<p><b><u>Article 10 :</u> Information de la Chambre des Députés sur la situation macroéconomique et budgétaire et rapport sur l'exécution du budget de l'État</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko politiki ya Leta</b></p>	<p><b><u>Article 11:</u> Briefing Parliament on Government policy</b></p>	<p><b><u>Article 11 :</u> Information du Parlement sur la politique gouvernementale</b></p>

<p><b><u>Akicro ka 2:</u></b> Ikibazo kigezweho muri icyo gihe</p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u></b> Gusaba ibisubizo ku kibazo kigezweho muri icyo gihe</p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u></b> Ibisabwa kugira ngo ikibazo cyakirwe</p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u></b> Kugena umwanya w'ikibazo kigezweho muri icyo gihe no kukimenyesha Minisitiri w'Intebe</p> <p><b><u>Ingingo ya 15:</u></b> Gusoma ikibazo no gutanga ibisubizo mu Nteko Rusange ku birebana n'ikibazo kigezweho muri icyo gihe</p> <p><b><u>Akicro ka gatatu 3:</u></b> Ibindi bifasha Inteko Ishinga Amategeko kubona amakuru</p> <p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Ibindi bifasha Inteko Ishinga Amategeko kubona amakuru</p> <p><b><u>Icyiciro cya 3:</u></b> Uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma</p>	<p><b><u>Subsection 2:</u></b> Topical question</p> <p><b><u>Article 12:</u></b> Request for answers to topical question</p> <p><b><u>Article 13:</u></b> Admissibility criteria for a question</p> <p><b><u>Article 14:</u></b> Setting question time for topical question and informing Prime Minister of the question</p> <p><b><u>Article 15:</u></b> Reading out a question and provision of answers in plenary sitting in relation to a topical question</p> <p><b><u>Subsection 3:</u></b> Other tools enabling Parliament to obtain information</p> <p><b><u>Article 16:</u></b> Other tools enabling Parliament to obtain information</p> <p><b><u>Section 3:</u></b> Methods of oversight over Government activities</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Methods by which the Chamber of Deputies exercises oversight over Government activities</p>	<p><b><u>Sous-section 2 :</u></b> Question d'actualité</p> <p><b><u>Article 12 :</u></b> Demande de réponses à une question d'actualité</p> <p><b><u>Article 13 :</u></b> Conditions de recevabilité d'une question</p> <p><b><u>Article 14 :</u></b> Fixation de la période d'une question d'actualité et information du Premier ministre de cette question</p> <p><b><u>Article 15 :</u></b> Donner lecture d'une question et fourniture de réponses en séance plénière en rapport avec une question d'actualité</p> <p><b><u>Sous-section 3 :</u></b> Autres outils permettant au Parlement d'obtenir des informations</p> <p><b><u>Article 16 :</u></b> Autres outils permettant au Parlement d'obtenir des informations</p> <p><b><u>Section 3 :</u></b> Moyens de contrôle de l'action gouvernementale</p> <p><b><u>Article 17 :</u></b> Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés</p>
---	---	--

<p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Uburyo Sena igenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 18:</u> Methods by which the Senate exercises oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 18 :</u> Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par le Sénat</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Uko uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bukurikirana</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Hierarchy of methods of oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 19 :</u> Hiérarchie des moyens de contrôle de l'action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Akicro ka mbere:</u> Uburyo bwo kubaza mu magambo</b></p>	<p><b><u>Subsection One:</u> Oral question method</b></p>	<p><b><u>Sous-section première :</u> Moyen de question orale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 20:</u> Kubaza mu magambo</b></p>	<p><b><u>Article 20:</u> Oral question</b></p>	<p><b><u>Article 20 :</u> Question orale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Gutumira ugize Guverinoma gutanga ibisubizo mu magambo</b></p>	<p><b><u>Article 21:</u> Summoning a Cabinet member for oral answers</b></p>	<p><b><u>Article 21 :</u> Convocation d'un membre du Gouvernement aux fins de réponses orales</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Kutaboneka k'uwasabye ibisubizo mu magambo</b></p>	<p><b><u>Article 22:</u> Absence of the submitter of oral question</b></p>	<p><b><u>Article 22 :</u> Absence de l'auteur d'une question orale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Kutaboneka k'ugize Guverinoma mu Nteko Rusange itangirwamo ibisubizo mu magambo</b></p>	<p><b><u>Article 23:</u> Absence of Cabinet member at a plenary sitting in which oral answers are expected to be provided</b></p>	<p><b><u>Article 23 :</u> Absence d'un membre du Gouvernement à la séance plénière au cours de laquelle les réponses orales sont prévues</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Gutanga ikibazo mu magambo mu Nteko Rusange n'ibisubizo</b></p>	<p><b><u>Article 24:</u> Asking oral question in plenary sitting and providing answers</b></p>	<p><b><u>Article 24 :</u> Poser une question orale en séance plénière et fourniture de réponses</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 25:</u> Gufata umwanzuro nyuma yo kugezwaho ibisubizo mu magambo</b></p>	<p><b><u>Article 25:</u> Adoption of a resolution after being presented with oral answers</b></p>	<p><b><u>Article 25 :</u> Adoption d'une résolution après suivi d'une présentation de réponses orales</b></p>
<p><b><u>Akicro ka 2:</u> Uburyo bwo kubaza mu nyandiko</b></p>	<p><b><u>Subsection 2:</u> Written question method</b></p>	<p><b><u>Sous-section 3 :</u> Moyen de question écrite</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 26:</u> Kubaza mu nyandiko n’uburyo bikorwa</b></p>	<p><b><u>Article 26:</u> Written question and related procedure</b></p>	<p><b><u>Article 26 :</u> Question écrite et procédure y relative</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 27:</u> Gutanga ibisobanuro mu nyandiko no gufata umwanzuro</b></p>	<p><b><u>Article 27:</u> Submission of written answers and adoption of a resolution</b></p>	<p><b><u>Article 27 :</u> Transmission de réponses écrites et adoption d’une résolution</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 28:</u> Kudatanga ibisubizo mu nyandiko</b></p>	<p><b><u>Article 28:</u> Failure to provide written answers</b></p>	<p><b><u>Article 28 :</u> Manquement à la fourniture de réponses écrites</b></p>
<p><b><u>Akicro ka 3:</u> Uburyo bwo kubaza muri Komisiyo</b></p>	<p><b><u>Subsection 3:</u> Committee hearing method</b></p>	<p><b><u>Sous-section 3 :</u> Moyen d’audition en commission</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Kubaza muri Komisiyo</b></p>	<p><b><u>Article 29:</u> Committee hearing</b></p>	<p><b><u>Article 29 :</u> Audition en commission</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 30:</u> Gutumira ugize Guverinoma gutanga ibisubizo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo</b></p>	<p><b><u>Article 30:</u> Summoning a Cabinet member to appear to provide answers during committee hearing</b></p>	<p><b><u>Article 30 :</u> Convocation d’un membre du Gouvernement pour fournir des réponses lors de l’audition en commission</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 31:</u> Imikorere ya Komisiyo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo</b></p>	<p><b><u>Article 31:</u> Functioning of the Committee during committee hearing</b></p>	<p><b><u>Article 31 :</u> Fonctionnement de la commission lors de l’audition en commission</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 32:</u> Raporo ya Komisiyo n’ifatwa ry’umwanzuro ku kubaza muri Komisiyo</b></p>	<p><b><u>Article 32:</u> Committee report and adoption of a resolution following committee hearing</b></p>	<p><b><u>Article 32 :</u> Rapport de commission et adoption d’une résolution après audition en commission</b></p>
<p><b><u>Akicro ka 4:</u> Komisiyo y’igenzura</b></p>	<p><b><u>Subsection 4:</u> Commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Sous-section 4 :</u> Commission d’enquête</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 33:</u> Komisiyo y’igenzura n’uburyo ishyingirwaho</b></p>	<p><b><u>Article 33:</u> Commission of inquiry and procedures for its establishment</b></p>	<p><b><u>Article 33 :</u> Commission d’enquête et procédure de sa création</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Inshingano za Komisiyo y'igenzura n'igihe cyo gutanga raporo</b></p>	<p><b><u>Article 34:</u> Mandate of the commission of inquiry and deadline for submission of its report</b></p>	<p><b><u>Article 34 :</u> Mandat de la commission d'enquête et délai de soumission de son rapport</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Ububasha bwa Komisiyo y'igenzura</b></p>	<p><b><u>Article 35:</u> Powers of the commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 35 :</u> Pouvoirs de la commission d'enquête</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 36:</u> Uko abagize Komisiyo y'igenzura bashyirwaho</b></p>	<p><b><u>Article 36:</u> Modalities for appointment of members of a commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 36 :</u> Modalités de nomination des membres d'une commission d'enquête</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 37:</u> Kumenyesha Guverinoma ishyirwaho rya Komisiyo y'igenzura</b></p>	<p><b><u>Article 37:</u> Notification to the Government of the establishment of a commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 37 :</u> Notification au Gouvernement de la constitution d'une commission d'enquête</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 38:</u> Gahunda y'ibikorwa n'ibikenerwa na Komisiyo y'igenzura</b></p>	<p><b><u>Article 38:</u> Plan of activities of and resources required by a commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 38 :</u> Plan d'activités d'une commission d'enquête et ressources requises par elle</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 39:</u> Kugira ibanga no kuvugisha ukuri</b></p>	<p><b><u>Article 39:</u> Maintaining confidentiality and telling the truth</b></p>	<p><b><u>Article 39 :</u> Respecter la confidentialité et dire la vérité</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 40:</u> Kurengera abakozi bunganira Komisiyo y'igenzura, abatangabuhamyi n'abandi yakwifashisha</b></p>	<p><b><u>Article 40:</u> Protection of support staff of the commission of inquiry, witnesses and other persons to whom the commission may have recourse</b></p>	<p><b><u>Article 40 :</u> Protection du personnel d'appui d'une commission d'enquête, des témoins et d'autres personnes auxquelles cette commission peut faire appel</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 41:</u> Inama ya Komisiyo y'igenzura</b></p>	<p><b><u>Article 41:</u> Meeting of a commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 41 :</u> Réunion d'une commission d'enquête</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 42:</u> Kuvugurura Komisiyo y'igenzura cyangwa kuyisimbuza indi</b></p>	<p><b><u>Article 42:</u> Changing membership of or replacing a commission of inquiry</b></p>	<p><b><u>Article 42 :</u> Recomposition ou remplacement d'une commission d'enquête</b></p>

<p><b><u>Ingingo ya 43:</u></b> Raporo ya Komisiyo y'igenzura</p>	<p><b><u>Article 43:</u></b> Report of a commission of inquiry</p>	<p><b><u>Article 43:</u></b> Rapport d'une commission d'enquête</p>
<p><b><u>Ingingo ya 44:</u></b> Impaka kuri raporo ya Komisiyo y'igenzura n'ifatwa ry'icyemezo</p>	<p><b><u>Article 44:</u></b> Debates on the report of a commission of inquiry and making a decision</p>	<p><b><u>Article 44:</u></b> Débats sur le rapport d'une commission d'enquête et prise d'une décision</p>
<p><b><u>Ingingo ya 45:</u></b> Koherereza inzego raporo ya Komisiyo y'igenzura</p>	<p><b><u>Article 45:</u></b> Transmission to organs of the report of a commission of inquiry</p>	<p><b><u>Article 45:</u></b> Transmission du rapport d'une commission d'enquête aux organes</p>
<p><b><u>Ingingo ya 46:</u></b> Isozwa ry'imirimo ya Komisiyo y'igenzura</p>	<p><b><u>Article 46:</u></b> Conclusion of the work of a commission of inquiry</p>	<p><b><u>Article 46:</u></b> Clôture des travaux d'une commission d'enquête</p>
<p><b><u>Akicro ka 5:</u></b> Uburyo bwo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko</p>	<p><b><u>Subsection 5:</u></b> Interpellation</p>	<p><b><u>Sous-section 5:</u></b> Interpellation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 47:</u></b> Kubarizwa mu ruhame rw'Inteko</p>	<p><b><u>Article 47:</u></b> Interpellation</p>	<p><b><u>Article 47:</u></b> Interpellation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 48:</u></b> Gutumira ugize Guverinoma kubarizwa mu ruhame rw'Inteko</p>	<p><b><u>Article 48:</u></b> Summoning a Cabinet member for interpellation purposes</p>	<p><b><u>Article 48:</u></b> Convocation d'un membre du Gouvernement aux fins d'interpellation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 49:</u></b> Gutanga ibisubizo mu ruhame rw'Inteko</p>	<p><b><u>Article 49:</u></b> Provision of answers during interpellation</p>	<p><b><u>Article 49:</u></b> Fourniture de réponses lors de l'interpellation</p>
<p><b><u>Ingingo ya 50:</u></b> Ifatwa ry'icyemezo mu gihe cyo kubariza mu ruhame rw'Inteko</p>	<p><b><u>Article 50:</u></b> Adoption of a decision during interpellation</p>	<p><b><u>Article 50:</u></b> Adoption d'une décision lors de l'interpellation</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III:</u></b> GUKURAHO ICYIZERE UGIZE GUVERINOMA</p>	<p><b><u>CHAPTER III:</u></b> VOTE OF NO CONFIDENCE AGAINST A CABINET MEMBER</p>	<p><b><u>CHAPITRE III:</u></b> VOTE DE CENSURE CONTRE UN MEMBRE DU GOUVERNEMENT</p>

<p><b><u>Ingingo ya 51:</u> Gukuraho icyizere n’uko bikorwa</b></p>	<p><b><u>Article 51:</u> Vote of no confidence and related procedures</b></p>	<p><b><u>Article 51 :</u> Vote de censure et procédures y relatives</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 52:</u> Iyegura ritewe no kuvanwaho icyizere</b></p>	<p><b><u>Article 52:</u> Resignation due to a vote of no confidence</b></p>	<p><b><u>Article 52:</u> Démission à la suite d’une motion de censure</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV:</u> GUSABA KUGARAGARIZA ICYIZERE IBIKORWA BYA GUVERINOMA</b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV:</u> REQUEST FOR A VOTE OF CONFIDENCE FOR GOVERNMENT ACTIVITY PROGRAMME</b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV :</u> DEMANDE D’UN VOTE DE CONFIANCE SUR LE PROGRAMME D’ACTIVITÉS DU GOUVERNEMENT</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 53:</u> Kugaragariza icyizere ibikorwa bya Guverinoma n’uko bikorwa</b></p>	<p><b><u>Article 53:</u> Vote of confidence for Government activity programme and related procedures</b></p>	<p><b><u>Article 53:</u> Vote de confiance sur le programme d’activités du Gouvernement et procédures y relatives</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 54:</u> Impaka n’icyemezo byerekeye kugaragarizwa icyizere</b></p>	<p><b><u>Article 54:</u> Debate and decision on a request for a vote of confidence</b></p>	<p><b><u>Article 54:</u> Débat et décision sur la demande d’un vote de confiance</b></p>
<p><b><u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE N’IZISOZA</b></p>	<p><b><u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b></p>	<p><b><u>CHAPITRE V:</u> DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 55:</u> Igitabo cyandikwamo ibibazo byerekeranye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 55:</u> Register of questions related to oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 55 :</u> Registre des questions ayant trait au contrôle de l’action gouvernementale</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 56:</u> Ingingo y’ururimi</b></p>	<p><b><u>Article 56:</u> Language provision</b></p>	<p><b><u>Article 56 :</u> Disposition linguistique</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 57:</u> Ingingo ivanaho</b></p>	<p><b><u>Article 57:</u> Repealing provision</b></p>	<p><b><u>Article 57 :</u> Disposition abrogatoire</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 58:</u> Gutangira gukurikizwa</b></p>	<p><b><u>Article 58:</u> Entry into force</b></p>	<p><b><u>Article 58 :</u> Entrée en vigueur</b></p>

<p><b>ITEGEKO NGENGA N° 001/2024.OL RYO KU WA 15/03/2024 RIGENA IBIKURIKIZWA N’INTEKO ISHINGA AMATEGEKO MU KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA</b></p> <p><b>Twebwe, KAGAME Paul,</b> Perezida wa Repubulika;</p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y’U RWANDA</b></p> <p><b>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</b></p> <p>Umutwe w’Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 05 Gashyantare 2024;</p> <p>Sena, mu nama yayo yo ku 05 Gashyantare 2024;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda, cyane cyane mu ngingo zaryo iya 64 n’iya 132;</p>	<p><b>ORGANIC LAW N° 001/2024.OL OF 15/03/2024 DETERMINING PROCEDURES FOR PARLIAMENTARY OVERSIGHT OVER GOVERNMENT ACTIVITIES</b></p> <p><b>We, KAGAME Paul,</b> President of the Republic;</p> <p><b>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</b></p> <p><b>THE PARLIAMENT:</b></p> <p>The Chamber of Deputies, in its sitting of 05 February 2024;</p> <p>The Senate, in its sitting of 05 February 2024;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Articles 64 and 132;</p>	<p><b>LOI ORGANIQUE N° 001/2024.OL DU 15/03/2024 DÉTERMINANT LES PROCÉDURES DE CONTRÔLE DE L’ACTION GOUVERNEMENTALE PAR LE PARLEMENT</b></p> <p><b>Nous, KAGAME Paul,</b> Président de la République ;</p> <p><b>LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU’ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA</b></p> <p><b>LE PARLEMENT :</b></p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du 05 février 2024 ;</p> <p>Le Sénat, en sa séance du 05 février 2024 ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en ses articles 64 et 132 ;</p>
---	--	--

<p>Isubiye ku Itegeko Ngenga n° 03/2005 ryo ku wa 25/02/2005 rigena uburyo Inteko Ishinga Amategeko imenya kandi ikagenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma;</p> <p><b>YEMEJE:</b></p> <p><b><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</b></p> <p><b><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko ngenga rigamije</b></p> <p>Iri tegeko ngenga rigena ibikurikizwa n'Inteko Ishinga Amategeko mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.</p> <p><b><u>Ingingo ya 2:</u> Abakorerwa igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p> <p>(1) Abakorerwa igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni Minisitiri w'Intebe, Abaminisitiri, Abanyamabanga ba Leta n'abandi bagize Guverinoma.</p> <p>(2) Ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisitiri nyinshi bibazwa Minisitiri w'Intebe.</p>	<p>Having reviewed Organic Law n° 03/2005 of 25/02/2005 determining the methods the Parliament uses to obtain information and exercises oversight of Government action;</p> <p><b>ADOPTS:</b></p> <p><b><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</b></p> <p><b><u>Article One:</u> Purpose of this Organic Law</b></p> <p>This Organic Law determines procedures for parliamentary oversight over Government activities.</p> <p><b><u>Article 2:</u> Persons subject to oversight over Government activities</b></p> <p>(1) The persons subject to oversight over government activities are the Prime Minister, Ministers, Ministers of State and other Cabinet members.</p> <p>(2) Questions involving the entire Cabinet or several Ministries are put to the Prime Minister.</p>	<p>Revu la Loi Organique n° 03/2005 du 25/02/2005 relative aux moyens d'information et de contrôle du Parlement à l'égard de l'action gouvernementale ;</p> <p><b>ADOPTE :</b></p> <p><b><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p> <p><b><u>Article premier :</u> Objet de la présente loi organique</b></p> <p>La présente loi organique détermine les procédures de contrôle de l'action gouvernementale par le Parlement.</p> <p><b><u>Article 2 : Personnes assujetties au contrôle de l'action gouvernementale</u></b></p> <p>(1) Les personnes assujetties au contrôle de l'action gouvernementale sont le Premier Ministre, les Ministres, les Secrétaires d'État et autres membres du Gouvernement.</p> <p>(2) Les questions impliquant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs ministères sont adressées au Premier ministre.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 3: Ibikorwa bya Guverinoma Inteko Ishinga Amategeko igenzura</u></b></p> <p>(1) Inteko Ishinga Amategeko igenzura ibikorwa bya Guverinoma bigaragarira muri Politiki y'Igihugu.</p> <p>(2) Inteko Ishinga Amategeko igenzura ibikorwa bya Guverinoma mu nzego n'ibigo bya Leta, mu mishinga no mu zindi nzego Leta ishoramo imari.</p> <p>(3) icyakora, mu gihe Inteko Ishinga Amategeko isanze mu gikorwa irimo cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma harimo ikibazo cyamaze gushyikirizwa urukiko, ishobora guhagarika gukurikirana icyo kibazo.</p>	<p><b><u>Article 3: Government activities subject to parliamentary oversight</u></b></p> <p>(1) Parliament conducts oversight over Government activities which are embodied in the national policy.</p> <p>(2) Parliament conducts oversight over Government activities in public organs and institutions, in projects and other entities into which Government invests funds.</p> <p>(3) If, however, Parliament finds as part of its oversight over Government activities that any of the issues covered by oversight is already before the court, Parliament may divest itself of authority over such an issue.</p>	<p><b><u>Article 3 : Action gouvernementale assujettie au contrôle par le Parlement</u></b></p> <p>(1) Le Parlement procède au contrôle de l'action gouvernementale qui se reflète dans la politique nationale.</p> <p>(2) Le Parlement contrôle l'action gouvernementale au sein des organes et établissements publics, des projets et autres entités dans lesquels le Gouvernement investit des fonds.</p> <p>(3) Si toutefois, le Parlement constate, lors du contrôle de l'action gouvernementale, que la juridiction est déjà saisie de l'une quelconque des questions sur lesquelles porte son contrôle, il peut se dessaisir d'une telle question.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 4: Gushyira mu bikorwa inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p> <p>(1) Kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni inshingano ya Sena n'Umutwe w'Abadepite.</p> <p>(2) Mu gushyira mu bikorwa inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, buri</p>	<p><b><u>Article 4: Performance of the function of oversight over Government activities</u></b></p> <p>(1) The function of oversight over Government activities vests in the Senate and the Chamber of Deputies.</p> <p>(2) Each Chamber of Parliament performs the function of oversight over</p>	<p><b><u>Article 4: Exercice de la fonction de contrôle de l'action gouvernementale</u></b></p> <p>(1) La fonction de contrôle de l'action gouvernementale est dévolue au Sénat et à la Chambre des Députés.</p> <p>(2) Chaque Chambre du Parlement exerce indépendamment l'une de l'autre la</p>

<p>Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ukora ukwawo.</p> <p>(3) Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko ufite uburenganzira busesuye bwo gushakisha icyatuma utunganya inshingano yawo yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.</p> <p><b><u>Ingingo ya 5: Ikigamijwe mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p> <p>Sena n'Umutwe w'Abadepite mu gihe bishyira mu bikorwa inshingano yo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, biba bigamije ibi bikurikira:</p> <p>(a) gusesengura politiki, gahunda, ingamba, raporo, imishinga n'igenamigambi bya Leta kugira ngo harebwe ko ibikorwa biteganyijwemo n'ishyirwa mu bikorwa ryabyo bisubiza ibibazo by'abaturage n'uko bibageza ku iterambere rirambye;</p> <p>(b) gukumira imikorere inyuranyije n'amategeko ishobora kugaragara mu nzego za Leta, hagamijwe kuzifasha kurushaho gukorera mu mucyo no gutanga serivisi inoze;</p>	<p>Government activities independently of the other.</p> <p>(3) Each Chamber of Parliament reserves the absolute right to seek possible ways and means likely to enable it to perform the function of oversight over Government activities.</p> <p><b><u>Article 5: Purpose of oversight over Government activities</u></b></p> <p>The Senate and the Chamber of Deputies perform the function of oversight over Government activities for the following purposes:</p> <p>(a) analyse Government policies, programmes, strategies, reports, projects and planning to ensure that the implementation thereof and activities proposed therein offer a solution to the problems facing the population and enable the latter to achieve sustainable development;</p> <p>(b) prevent illegal practices that may arise in public entities to help them operate more transparently and provide quality services;</p>	<p>fonction de contrôle de l'action gouvernementale.</p> <p>(3) Chaque Chambre du Parlement se réserve le droit absolu de chercher les voies et moyens susceptibles de lui permettre d'exercer sa fonction de contrôle de l'action gouvernementale.</p> <p><b><u>Article 5: Objet du contrôle de l'action gouvernementale</u></b></p> <p>Le Sénat et la Chambre des Députés exercent la fonction de contrôle de l'action gouvernementale aux fins suivantes :</p> <p>(a) analyser les politiques, programmes, stratégies, rapports, projets et la planification du Gouvernement pour s'assurer que les activités qui y sont prévues et leur mise en œuvre offrent une solution aux problèmes auxquels la population est confrontée et permettent à cette dernière de réaliser le développement durable ;</p> <p>(b) prévenir les pratiques illégales susceptibles de se produire au sein des entités publiques pour aider ces dernières à fonctionner de manière plus transparente et à offrir des services de qualité ;</p>
--	---	--

<p>(c) kubaza abakoresha imari n’umutungo by’Igihugu mu nzego za Leta, mu bigo no mu zindi nzego Leta ishoramo imari, uburyo umutungo w’Igihugu ukoresha hagamijwe kwirinda inyereza n’isesagura rishobora gukorwa muri izo nzego;</p> <p>(d) gukurikirana uko amategeko ashyirwaho yubahirizwa n’uburyo afasha gukemura ibibazo byatumye ashyirwaho.</p>	<p>(c) hold users of State finances and property in public entities, institutions and other entities into which the Government invests funds to account for the use of State property to prevent possible misappropriations and wastefulness within such entities;</p> <p>(d) monitor the application of Laws put in place and how they contribute to resolving issues having led to them being put in place.</p>	<p>(c) exiger des comptes de la part de ceux qui utilisent les finances et le patrimoine de l’État au sein des entités publiques, des établissements et autres entités dans lesquels l’État investit des fonds quant à l’utilisation du patrimoine de l’État aux fins de prévenir d’éventuels détournements et gaspillages au sein de ces entités ;</p> <p>(d) faire le suivi de l’application des lois mises en place et de la manière dont ces dernières contribuent à régler les questions ayant motivé leur mise en place.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA II: KUGENZURA IBIKORWA BYA GUVERINOMA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: OVERSIGHT OVER GOVERNMENT ACTIVITIES</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: CONTRÔLE DE L’ACTION GOUVERNEMENTALE</u></b></p>
<p><b><u>Icyiciro cya mbere: Gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Section One: Initiating oversight over Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Section première : Initiative du contrôle de l’action gouvernementale</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 6: Uburenganzira bwo gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Article 6: Right to initiate oversight over Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Article 6 : Droit d’initier le contrôle de l’action gouvernementale</u></b></p>
<p>Gutangiza igikorwa cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma ni uburenganzira bw’Umusenateri, Umudepite, Komisiyo ihoraho cyangwa Inteko Rusange y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba.</p>	<p>The right to initiate oversight over Government activities vests in a senator, deputy, standing committee or in the Plenary Assembly of the relevant Chamber of Parliament.</p>	<p>Le droit d’initier le contrôle de l’action gouvernementale appartient à un sénateur, à un député, à une commission permanente ou à l’Assemblée plénière de la Chambre du Parlement concernée.</p>

<p><b><u>Icyiciro cya 2: Ibifasha Inteko Ishinga Amategeko kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 7: Uburenganzira bwo guhabwa amakuru</u></b></p> <p>(1) Umusenateri, Umudepite cyangwa Komisiyo bafite uburenganzira bwo guhabwa na Guverinoma cyangwa inzego za Leta bireba inyandiko, amajwi, amashusho, porogaramu z’ikoranabuhanga n’ibindi byakenerwa kugira ngo babone amakuru bakwifashisha mu gihe cyo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma. Ubusabe bunyuzwa kuri Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba.</p> <p>(2) Guverinoma cyangwa urwego rwasabwe gutanga amakuru biyashyikiriza Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba mu gihe kitarenze iminsi irindwi y’akazi uherye ku muni ubisabwa yabimenyesherejweho. Icyakora, Guverinoma cyangwa urwego rwasabwe amakuru bishobora gusaba kongerera igihe, iyo hari impamvu yumvikana.</p>	<p><b><u>Section 2: Tools for parliamentary oversight over government activities</u></b></p> <p><b><u>Article 7: Right to access information</u></b></p> <p>(1) A senator, deputy or committee reserve the right to ask the Government or public entities concerned to put at their disposal such documents, audio recordings, video recordings, computer programmes and other materials as may be necessary for access to information they may use as part of oversight over Government activities. Such a request for information is made through the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament.</p> <p>(2) The Government or entity requested to provide information submits such information to the relevant Chamber of Parliament within seven working days of the day of its being notified of the request. However, the Government or entity requested to provide information may, for good cause, ask for an extension of the deadline.</p>	<p><b><u>Section 2 : Outils de contrôle de l’action gouvernementale par le Parlement</u></b></p> <p><b><u>Article 7 : Droit d’accès aux informations</u></b></p> <p>(1) Un sénateur, un député ou une commission se réservent le droit de demander au Gouvernement ou aux entités publiques concernées, des documents, des enregistrements audio, des enregistrements vidéo, des programmes informatiques et autres matériels pouvant s’avérer nécessaires pour avoir accès à des informations dont ils peuvent se servir lors du contrôle de l’action gouvernementale. Une telle demande d’informations se fait par l’entremise du Président de la Chambre du Parlement concernée.</p> <p>(2) Le Gouvernement ou l’entité qui se voit adresser une demande d’informations soumet ces dernières à la Chambre du Parlement concernée dans les sept jours ouvrables suivant le jour de la notification de la demande. Toutefois, le Gouvernement ou l’entité qui se voit adresser une demande d’informations peut, pour un motif valable, demander un délai supplémentaire.</p>
--	---	---

<p><b><u>Akicro ka mbere: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko gahunda n'ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 8: Gushyikiriza Inteko Ishinga Amategeko Gahunda ya Guverinoma</u></b></p> <p>(1) Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma bitarenze iminsi 30 uhereye igihe yatangiye imirimo ye.</p> <p>(2) Minisitiri w'Intebe amenyesha mu nyandiko ba Perezida b'Imitwe yombi ko azashyikiriza Inteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma.</p> <p>(3) Umunsi wo kugezwaho gahunda ya Guverinoma wumvikanwaho na ba Perezida b'Imitwe yombi y'Inteko Ishinga Amategeko bakabimenyesha Minisitiri w'Intebe iminsi irindwi mbere, iyo bishoboka. Iyo Minisitiri w'Intebe atabonetse, abimenyesha mu nyandiko Inteko Ishinga Amategeko nibura umunsi umwe mbere y'umunsi wagenwe hakagenwa undi munsi.</p> <p>(4) Minisitiri w'Intebe ashyikiriza Perezida wa buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko inyandiko y'ibikubiye muri gahunda ya Guverinoma iminsi itatu</p>	<p><b><u>Subsection One: Informing Parliament of Government programme and activities</u></b></p> <p><b><u>Article 8: Presentation before Parliament of Government programme</u></b></p> <p>(1) The Prime Minister appears before Parliament to present Government programme within 30 days of taking up his or her office.</p> <p>(2) The Prime Minister informs the Presiding Officers of both Chambers in writing of his or her intention to appear before Parliament to present Government programme.</p> <p>(3) The date of presentation of Government programme is agreed upon between the Presiding Officers of both Chambers of Parliament who notify it to the Prime Minister at least seven days in advance, if possible. In the event of the Prime Minister's absence, he or she informs Parliament in writing thereof at least one day before the originally scheduled date, with a new date being set.</p> <p>(4) The Prime Minister transmits to the Presiding Officer of each Chamber of Parliament a summary document of the Government programme three days before</p>	<p><b><u>Sous-section première: Information du Parlement concernant le programme et l'action du Gouvernement</u></b></p> <p><b><u>Article 8: Présentation devant le Parlement du programme du Gouvernement</u></b></p> <p>(1) Le Premier ministre présente devant le Parlement le programme du Gouvernement dans les 30 jours suivant son entrée en fonction.</p> <p>(2) Le Premier ministre informe par écrit les Présidents des deux Chambres de son intention de présenter devant le Parlement le programme du Gouvernement.</p> <p>(3) La date de présentation du programme du Gouvernement est convenue entre les Présidents des deux Chambres du Parlement qui la notifient au Premier ministre au moins sept jours à l'avance, si possible. En cas d'absence du Premier ministre, ce dernier en informe le Parlement par écrit au moins un jour avant la date initialement prévue et une nouvelle date est fixée.</p> <p>(4) Le Premier ministre transmet au Président de chaque Chambre du Parlement un document de synthèse du programme du Gouvernement trois jours avant la date</p>
--	--	---

<p>mbere y’umunsi wagenwe wo kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko gahunda ya Guverinoma, na bo bakabigeza ku bagize buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>the date scheduled for the presentation before Parliament of the Government programme and both Presiding Officers in turn transmit the document to the members of their respective Chambers of Parliament.</p>	<p>prévue pour la présentation devant le Parlement du programme du Gouvernement et les deux Présidents transmettent, à leur tour, ce document aux membres de leurs Chambres respectives du Parlement.</p>
<p>(5) Gahunda ya Guverinoma ntigibwaho impaka.</p>	<p>(5)The Government programme is not open to debates.</p>	<p>(5) Le programme du Gouvernement n’est pas ouvert aux débats.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 9: Kumenyeshya Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Article 9: Informing Parliament of Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Article 9: Information du Parlement concernant l’action gouvernementale</u></b></p>
<p>(1) Minisitiri w’Intebe asobanurira Inteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ibikorwa bya Guverinoma nibura inshuro eshatu mu mwaka uherye ku itangira ry’igihembwe cya mbere gisanzwe cy’Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(1) At least three times a year from the commencement of the first ordinary session of Parliament, the Prime Minister appears before a joint sitting of both Chambers of Parliament to present Government activities.</p>	<p>(1) Au moins trois fois par an à compter du début de la première session ordinaire du Parlement, le Premier Ministre présente l’action gouvernementale devant le Parlement, les deux Chambres réunies en séance commune.</p>
<p>(2) Umunsi wo gusobanurira Inteko Ishinga Amategeko ibikorwa bya Guverinoma wumvikanwaho na ba Perezida b’Imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko bakabimenyeshya Minisitiri w’Intebe iminsi irindwi mbere, iyo bishoboka. Iyo Minisitiri w’Intebe atabonetse, abimenyeshya mu nyandiko Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko nibura umunsi umwe mbere y’umunsi</p>	<p>(2) The date of presentation before Parliament of Government activities is agreed between the Presiding Officers of both Chambers of Parliament and notified to the Prime Minister seven days in advance, if possible. In the event of the Prime Minister’s absence, he or she informs the Presiding Officer of each Chamber of Parliament in writing thereof at least one day ahead of the date</p>	<p>(2) La date de présentation de l’action gouvernementale devant le Parlement est convenue entre les Présidents des deux Chambres du Parlement et notifiée au Premier Ministre sept jours à l’avance, si possible. En cas d’absence du Premier ministre, ce dernier en informe le Président de chaque Chambre du Parlement par écrit au moins un jour avant la date initialement prévue pour la</p>

<p>wagenewe inama ihuriweho n’Imitwe yombi, hakagenwa undi muni.</p> <p>(3) Inyandiko ikubiyemo ibitekerezo by’ingenzi Minisitiri w’Intebe ageza ku Nteko Ishinga Amategeko, Imitwe yombi iteranye, ishyikirizwa Perezida wa buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko nibura iminsi itatu mbere yo gusobanura mu magambo ibikorwa bya Guverinoma, nabo bakabigeza ku bagize buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko.</p> <p>(4) Abagize Inteko Ishinga Amategeko, bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo, Minisitiri w’Intebe agatanga ibisubizo.</p> <p>(5) Nyuma yo kugezwaho ibikorwa bya Guverinoma, nta mwanzuro inama ihuriweho n’imitwe yombi y’Inteko Ishinga Amategeko ifata.</p>	<p>originally set for the joint sitting of both Chambers, with a new date being set.</p> <p>(3) A document containing the broad outlines to be presented by the Prime Minister before a joint sitting of both Chambers of Parliament is transmitted to the Presiding Officer of each Chamber at least three days ahead of the presentation of Government activities and both Presiding Officers in turn transmit it to the members of their respective Chambers of Parliament.</p> <p>(4) The floor is opened up for questions and comments from Members of Parliament, with the Prime Minister giving answers.</p> <p>(5) No resolution by the joint sitting of both chambers of Parliament ensues on the presentation of the Government activities.</p>	<p>séance commune des deux Chambres et une nouvelle date est fixée.</p> <p>(3) Un document exposant les grandes orientations à présenter par le Premier Ministre devant les deux Chambres, réunies en séance commune, est transmis au Président de chaque Chambre au moins trois jours avant la présentation de l’action gouvernementale et les deux Présidents transmettent à leur tour ce document aux membres de leurs Chambres respectives du Parlement.</p> <p>(4) La parole est accordée aux membres du Parlement pour questions et commentaires et le Premier ministre donne des réponses.</p> <p>(5) La présentation de l’action gouvernementale n’est suivie d’aucune résolution par la séance commune des deux chambres du parlement.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 10: Kumenyesha Umutwe w’Abadepite uko ubukungu Rusange n’ingengo y’imari bihagaze na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry’ingengo y’imari ya Leta</u></b></p> <p>(1) Nibura kabiri mu mwaka Minisitiri ufite imari mu nshingano amenyesha Umutwe</p>	<p><b><u>Article 10: Briefing the Chamber of Deputies on macroeconomic and budgetary developments and report on State budget execution</u></b></p> <p>(1) At least twice a year, the Minister in charge of finance briefs the Chamber of</p>	<p><b><u>Article 10 : Information de la Chambre des Députés sur la situation macroéconomique et budgétaire et rapport sur l’exécution du budget de l’État</u></b></p> <p>(1) Au moins deux fois par an, le ministre ayant les finances dans ses attributions</p>

*Official Gazette n° Special of 26/03/2024*

<p>w'Abadepite uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze.</p> <p>(2) Perezida w'Umutwe w'Abadepite yandikira Minisitiri w'Intebe amusaba ko Minisitiri ufite imari mu nshingano ageza ku Nteko Rusange uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze.</p> <p>(3) Abadepite bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo, Minisitiri agatanga ibisubizo.</p> <p>(4) Nyuma yo kumenyeshwa uko ubukungu rusange n'ingengo y'imari bihagaze, nta mwanzuro Inteko Rusange ifata.</p> <p>(5) Binyujijwe kuri Minisitiri w'Intebe, Minisitiri ufite imari mu nshingano ategura kandi agashyikiriza mu nyandiko Umutwe w'Abadepite, raporo ihujwe y'amezi atandatu yemejwe n'Inama y'Abaminisitiri ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari ya Leta.</p>	<p>Deputies on macroeconomic and budgetary developments.</p> <p>(2) The Speaker of the Chamber of Deputies writes to the Prime Minister requesting him or her to send the Minister in charge of finance to present before the Plenary Assembly macroeconomic and budgetary developments.</p> <p>(3) The floor is opened up for questions and comments from the deputies, with the Minister giving answers.</p> <p>(4) No resolution by the Plenary Assembly ensues on the briefing on macroeconomic and budgetary developments.</p> <p>(5) The Minister in charge of finance, through the Prime Minister, prepares and submits in writing to the Chamber of Deputies a mid-year consolidated budget execution report approved by the Cabinet.</p>	<p>informe la Chambre des Députés sur la situation macroéconomique et budgétaire.</p> <p>(2) Le Président de la Chambre des Députés demande par écrit au Premier Ministre d'envoyer le Ministre ayant les finances dans ses attributions pour présenter devant l'Assemblée plénière la situation macroéconomique et budgétaire.</p> <p>(3) La parole est accordée aux députés pour questions et commentaires et le ministre donne des réponses.</p> <p>(4) L'information sur la situation macroéconomique et budgétaire n'est suivie d'aucune résolution par l'Assemblée plénière.</p> <p>(5) Le Ministre ayant les finances dans ses attributions, par le biais du Premier ministre, prépare et soumet par écrit à la Chambre des Députés le rapport semestriel consolidé de l'exécution budgétaire approuvé par le Conseil des ministres.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 11: Kumenyesha Inteko Ishinga Amategeko politiki ya Leta</u></b></p> <p>(1) Buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko ushobora gusaba ugize Guverinoma kuwusobanurira politiki ya Leta.</p> <p>(2) Abagize Inteko Ishinga Amategeko bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo, ugize Guverinoma agatanga ibisubizo.</p> <p>(3) Nyuma yo kugezwaho Politiki ya Leta, nta mwanzuro ufatwa.</p>	<p><b><u>Article 11: Briefing Parliament on Government policy</u></b></p> <p>(1) Each Chamber of Parliament may ask a Cabinet member to give it clarity on the Government policy.</p> <p>(2) The floor is opened up for questions and comments from Members of Parliament, with the Cabinet member giving answers.</p> <p>(3) No resolution ensues on the presentation of the Government policy.</p>	<p><b><u>Article 11 : Information du Parlement sur la politique gouvernementale</u></b></p> <p>(1) Chaque Chambre du Parlement peut demander à un membre du Gouvernement de l’éclairer sur la politique gouvernementale.</p> <p>(2) La parole est accordée aux membres du Parlement pour questions et commentaires et le membre du Gouvernement donne des réponses.</p> <p>(3) L’exposé de la politique gouvernementale n’est suivi d’aucune résolution.</p>
<p><b><u>Akiciro ka 2: Ikibazo kigezweho muri icyo gihe</u></b></p>	<p><b><u>Subsection 2: Topical question</u></b></p>	<p><b><u>Sous-section 2 : Question d’actualité</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 12: Gusaba ibisubizo ku kibazo kigezweho muri icyo gihe</u></b></p> <p>(1) Ikibazo kigezweho muri icyo gihe ni ikibazo cy’inyungu rusange cyagaragaye cyangwa gishobora kugaragara mu gihugu, mu karere cyangwa ku rwego mpuzamahanga cyagira ingaruka ku muturage cyangwa ku Gihugu, Inteko Ishinga Amategeko yifuza kubonaho amakuru.</p>	<p><b><u>Article 12: Request for answers to topical question</u></b></p> <p>(1) A topical question is a question pertaining to a matter of general interest that is relative to a situation which has arisen or may arise in the country, in the region or at the global level and may affect a citizen or the country, and in respect of which Parliament wishes to have information.</p>	<p><b><u>Article 12 : Demande de réponses à une question d’actualité</u></b></p> <p>(1) Une question d’actualité est une question ayant trait à un sujet d’intérêt général portant sur une situation survenue ou pouvant survenir dans le pays, dans la région ou à l’échelle mondiale et susceptible d’affecter un citoyen ou le pays et au regard de laquelle le Parlement souhaite obtenir des informations.</p>

<p>(2) Umusenateri cyangwa Umudepite wifuzaga guhabwa ibisubizo ku kibazo kigezweho muri icyo gihe n'ugize Guverinoma, yandikira Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba, bagaragaza imiterere y'ikibazo, impamvu yacyo n'ubwihutirwe bwacyo.</p>	<p>(2) A senator or deputy who wishes to be given by a Cabinet member answers to a topical question informs the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament in writing thereof, specifying the nature of the question, the reason therefor and its urgency.</p>	<p>(2) Un sénateur ou un député qui souhaite se faire donner des réponses par un membre du Gouvernement à une question d'actualité fait part de son intention par écrit au Président de la Chambre du Parlement concernée, précisant la nature de la question, le motif de cette dernière et son urgence.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Ibisabwa kugira ngo ikibazo cyakirwe</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Admissibility criteria for a question</b></p>	<p><b><u>Article 13:</u> Conditions de recevabilité d'une question</b></p>
<p>Ikibazo kigezweho muri icyo gihe kibazwa ugize Guverinoma cyakirwa iyo:</p>	<p>A topical question to a Cabinet member is admissible if:</p>	<p>Une question d'actualité à un membre du Gouvernement est recevable si :</p>
<p>(a) kibazwa ugize Guverinoma ubifite mu nshingano;</p>	<p>(a) it falls under the responsibility of a Cabinet member to whom it is put;</p>	<p>(a) elle relève de la responsabilité d'un membre du Gouvernement auquel elle est posée ;</p>
<p>(b) cyanditse mu buryo bwumvikana;</p>	<p>(b) it is clearly worded;</p>	<p>(b) elle est formulée clairement ;</p>
<p>(c) kidahakana cyangwa kidapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi cyangwa kitarimo ingengabitekerezo ya jenoside n'ibyaha bifitanye isano na yo;</p>	<p>(c) it does not either express the negationism or revisionism of the genocide against the Tutsi or reflect genocide ideology or related offences;</p>	<p>(c) elle n'exprime pas le négationnisme ou le révisionnisme du génocide perpétré contre les Tutsi ni ne reflète l'idéologie du génocide ou les infractions connexes ;</p>
<p>(d) kidasebanya;</p>	<p>(d) it does not contain any defamatory language;</p>	<p>(d) elle ne contient aucun propos diffamatoire ;</p>
<p>(e) cyashyizweho umukono n'itariki n'uwagitanze;</p>	<p>(e) it bears the signature, date and the names of the submitter;</p>	<p>(e) elle porte la signature, la date, les noms de son auteur;</p>

<p>(f) kitareba inyungu z’umuntu ku giti cye cyangwa kitareba umuntu ku giti cye;</p> <p>(g) kitabangamiye inyungu rusange cyangwa umutekano w’Igihugu;</p> <p>(h) kitari mu nkiko cyangwa kitarafashweho icyemezo n’inkiko zibifitiye ububasha;</p> <p>(i) kitabajijwe muri icyo gihembwe.</p>	<p>(f) it does not either relate to personal interests or only concern an individual;</p> <p>(g) it does not undermine the general interest or national security;</p> <p>(h) it does not refer to a matter which is before courts or has been decided by competent courts;</p> <p>(i) it is not posed more than once during the same session.</p>	<p>(f) elle ne concerne pas les intérêts personnels ou ne concerne pas un individu;</p> <p>(g) elle ne compromet pas l’intérêt général ou la sécurité nationale;</p> <p>(h) elle ne porte pas sur une question dont les juridictions sont saisies ou ayant fait l’objet d’une décision par les juridictions compétentes;</p> <p>(i) elle n’est pas posée à nouveau au cours d’une même session.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Kugena umwanya w’ikibazo kigezweho muri icyo gihe no kukimenyesha Minisitiri w’Intebe</b></p>	<p><b><u>Article 14:</u> Setting question time for topical question and informing Prime Minister of the question</b></p>	<p><b><u>Article 14 :</u> Fixation de la période d’une question d’actualité et information du Premier ministre de cette question</b></p>
<p>(1) Mu gihe cy’ibihembwe by’Inteko, buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko ugena umwanya buri cyumweru uharirwa ibibazo Inteko Rusange ibaza Guverinoma n’ibisubizo.</p> <p>(2) Biro y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba imaze kwakira inyandiko ikubiyemo ikibazo kigezweho muri icyo gihe isuzuma ko cyujuje ibisabwa bivugwa mu ngingo ya 13 y’iri tegeko ngenga. Iyo isanze ikibazo kitujuje</p>	<p>(1) During Parliamentary sessions, each Chamber of Parliament sets aside a time period each week for the Plenary Assembly’s questions to the Cabinet and answers thereto from the latter.</p> <p>(2) The Bureau of the relevant Chamber of Parliament, after receiving the text of a topical question, assesses whether the question meets the admissibility criteria provided for under Article 13 of this Organic Law. If the Bureau finds that the</p>	<p>(1) Au cours des sessions parlementaires, chaque Chambre du Parlement réserve, chaque semaine, une période de temps consacrée aux questions de l’Assemblée plénière et aux réponses du Gouvernement à ces questions.</p> <p>(2) Le Bureau de la Chambre du Parlement concernée, après avoir reçu le texte d’une question d’actualité, vérifie si cette dernière répond aux conditions visées à l’article 13 de la présente loi organique. S’il constate que la question ne répond pas</p>

<p>ibisabwa ibimenyeshya ugize Inteko Ishinga Amategeko wagitanze mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'akazi uhereye ku muni yakigerejweho.</p> <p>(3) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ashyikiriza Minisitiri w'Intebe inyandiko igaragaza ugize Guverinoma uzagitangaho ibisubizo mu Nteko Rusange, umunsi n'isaha. Abagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba bagenerwa kopi.</p>	<p>question does not meet the criteria, it informs the submitting member of Parliament thereof within two working days from the day of receipt of the text of the question.</p> <p>(3) The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament sends to the Prime Minister a document specifying a Cabinet member expected to provide answers to the question in the plenary sitting, the date and time. A copy thereof is sent to the members of the relevant Chamber of Parliament.</p>	<p>à ces conditions, il en informe un membre du Parlement auteur de la question dans les deux jours ouvrables suivant le jour de réception par lui du texte de la question.</p> <p>(3) Le Président de la Chambre du Parlement concernée transmet au Premier Ministre un document précisant un membre du Gouvernement devant fournir des réponses à cette question en séance plénière, la date et l'heure. Les membres de la Chambre du Parlement concernée se voient remettre une copie de ce document.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Gusoma ikibazo no gutanga ibisubizo mu Nteko Rusange ku birebana n'ikibazo kigezweho muri icyo gihe</b></p> <p>(1) Umusenateri cyangwa Umudepite, watanze ikibazo kigezweho muri icyo gihe ahabwa iminota itarenze itanu kugira ngo agisomere mu Nteko Rusange. Igihe uwatanze ikibazo atabonetse mu Nteko Rusange itangirwamo ibisubizo ku mpamvu zumvikana, agaragaza umuhagararira mu bagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko abarizwamo. Iyo ntawe yagaragaje, Visi Perezida ufite mu nshingano kugenzura ibikorwa bya Guverinoma mu Mutwe w'Inteko Ishinga</p>	<p><b><u>Article 15:</u> Reading out a question and provision of answers in plenary sitting in relation to a topical question</b></p> <p>(1) A senator or deputy having submitted a topical question is given a maximum speaking time of five minutes to read it out in the plenary sitting. If, for valid reasons, the submitter of the question is unable to attend the plenary sitting in which the answers are expected to be given, he or she specifies his or her fellow member of the Chamber of Parliament of which he or she is a member to act on his or her behalf for that purpose. If he or she fails to do so, the Deputy Presiding Officer of the relevant</p>	<p><b><u>Article 15 :</u> Donner lecture d'une question et fourniture de réponses en séance plénière en rapport avec une question d'actualité</b></p> <p>(1) Un sénateur ou un député ayant déposé une question d'actualité se voit accorder un temps de parole de cinq minutes au maximum pour en donner lecture en séance plénière. Si, pour des raisons valables, celui qui a déposé la question n'est pas présent à la séance plénière au cours de laquelle les réponses sont prévues, il désigne un autre membre de la Chambre du Parlement dont il est membre devant agir en son nom. Dans le cas contraire, le Vice-président de la Chambre du Parlement concernée ayant les</p>

<p>Amategeko bireba akigeza ku Nteko Rusange.</p> <p>(2) Ugize Guverinoma ahabwa umwanya kugira ngo atange ibisubizo ku birebana n'ikibazo kigezweho muri icyo gihe.</p> <p>(3) Iyo ugize Guverinoma atabonetse afite impamvu zumvikana, Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba yimurira ikibazo ku wundi muni.</p> <p>(4) Haseguriwe ibiteganywa n'andi mategeko, iyo ugize Guverinoma arangije gutanga ibisubizo, uyoboye inama y'Inteko Rusange afungura lisiti ya kabiri gusa kugira ngo Umusenateri, Umudepite ubyifuza asabe ijambo.</p> <p>(5) Nta mwanzuro ufatwa n'Inteko Rusange ku kibazo kigezweho muri icyo gihe.</p> <p><b><u>Akiciro ka gatanu 3: Ibindi bifasha Inteko Ishinga Amategeko kubona amakuru</u></b></p>	<p>Chamber of Parliament in charge of parliamentary affairs presents the question before the Plenary Assembly.</p> <p>(2) A Cabinet member is allowed a speaking time to provide answers in relation to a topical question.</p> <p>(3) If a Cabinet member is absent for valid reasons, the Bureau of the relevant Chamber of Parliament moves the topical question to another day.</p> <p>(4) Subject to the provisions of other Laws, when a Cabinet member finish providing answers, the chair of the plenary sitting only opens the second list of speakers for a senator or deputy who so wishes to ask for the floor.</p> <p>(5) No resolution by the Plenary Assembly ensues on a topical question.</p> <p><b><u>Subsection 3: Other tools enabling Parliament to obtain information</u></b></p>	<p>affaires parlementaires dans ses attributions présente cette question devant l'Assemblée plénière.</p> <p>(2) Un membre du Gouvernement se voit accorder un temps de parole pour donner des réponses en rapport avec une question d'actualité.</p> <p>(3) En cas d'absence d'un membre du Gouvernement pour des motifs valables, le Bureau de la Chambre du Parlement concernée reporte la question d'actualité à un autre jour.</p> <p>(4) Sous réserve des dispositions d'autres lois, lorsqu'un membre du Gouvernement finit de donner des réponses, le président de la séance plénière n'ouvre que la deuxième liste d'orateurs pour qu'un sénateur ou un député qui le désire puisse demander de pouvoir prendre la parole.</p> <p>(5) Une question d'actualité n'est suivie d'aucune résolution par l'Assemblée plénière.</p> <p><b><u>Sous-section 3 : Autres outils permettant au Parlement d'obtenir des informations</u></b></p>
--	---	---

<p><b>Ingingo ya 16: Ibindi bifasha Inteko Ishinga Amategeko kubona amakuru</b></p>	<p><b>Article 16: Other tools enabling Parliament to obtain information</b></p>	<p><b>Article 16: Autres outils permettant au Parlement d'obtenir des informations</b></p>
<p>Buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Komisiyo ihoraho, Umusenateri cyangwa Umudepite, bafite ibindi bibafasha kubona amakuru mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, birimo ibi bikurikira:</p> <p>(a) ibyemezo by'Inama y'Abaminisitiri bishyikirizwa Biro ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko;</p> <p>(b) imyanzuro y'Inama y'Igihugu y'Umushyikirano cyangwa indi nama yo ku rwego rw'Igihugu;</p> <p>(c) kungurana ibitekerezo hagati y'ugize Guverinoma na buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko;</p> <p>(d) gusura abaturage mu rwego rwo kureba ishyirwa mu bikorwa ry'imishinga na gahunda no gukurikirana ibibazo bafite bikoze na Komisiyo ihoraho, Umusenateri ku giti cye, Umudepite ku giti cye cyangwa mu ngendo rusange;</p>	<p>Each Chamber of Parliament, a standing committee, a senator or deputy have at their disposal other tools enabling them to obtain information in conducting oversight over Government activities, including the following:</p> <p>(a) Cabinet decisions submitted to the Bureau of each Chamber of Parliament;</p> <p>(b) resolutions of the National <i>Umushyikirano</i> Council or those of any other gathering organized at the national level;</p> <p>(c) consultative discussions between a Cabinet member and each Chamber of Parliament;</p> <p>(d) visits to the population conducted by a standing committee, individual senator, individual deputy or during countrywide tours to monitor the implementation of projects or programmes and make follow-up on the problems facing the population;</p>	<p>Chaque Chambre du Parlement, une commission permanente, un sénateur ou un député disposent d'autres outils leur permettant d'obtenir des informations dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale dont les suivants :</p> <p>(a) décisions du Conseil des ministres soumises au Bureau de chaque Chambre du Parlement ;</p> <p>(b) résolutions du Conseil national d'<i>Umushyikirano</i> ou celles de toute autre rencontre organisée au niveau national;</p> <p>(c) débats consultatifs entre un membre du Gouvernement et chaque Chambre du Parlement ;</p> <p>(d) visites à la population effectuées par une commission permanente, un sénateur individuel, un député individuel ou lors des tournées à travers le pays pour faire le suivi de la mise en œuvre des projets et programmes et celui des problèmes auxquels la population est confrontée ;</p>

<p>(e) ibibazo abaturage bashyikiriza buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko;</p> <p>(f) raporo za Komisiyo z'Igihugu n'iz'Inzego Zihariye ziteganywa n'Itegeko Nshinga cyangwa andi mategeko zishyikirizwa Inteko Ishinga Amategeko, raporo cyangwa imyanzuro by'amahuriro y'Inteko Ishinga Amategeko n'iy'amatsinda y'ubucuti, n'izindi raporo zitandukanye;</p> <p>(g) ubushakashatsi bukorwa na Sena, Umutwe w'Abadepite cyangwa izindi nzego zitandukanye;</p> <p>(h) amakuru yo mu bitangazamakuru.</p>	<p>(e) citizens' petitions addressed to each Chamber of Parliament;</p> <p>(f) reports transmitted to Parliament by national commissions and specialised organs provided for by the Constitution or other Laws, reports or resolutions of the forums and networks attached to Parliament and those of friendship groups and other different reports;</p> <p>(g) research conducted by the Senate or the Chamber of Deputies or other different organs;</p> <p>(h) information available in medias.</p>	<p>(e) pétitions citoyennes adressées à chaque Chambre du Parlement ;</p> <p>(f) rapports transmis au Parlement par les commissions nationales et organes spécialisés prévus par la Constitution ou d'autres lois, rapports ou résolutions des forums et réseaux affiliés à la Chambre des Députés et ceux des groupes d'amitié et autres différents rapports ;</p> <p>(g) recherches réalisées par le Sénat, la Chambre des Députés ou autres différents organes;</p> <p>(h) informations disponibles dans des médias.</p>
<p><b><u>Icyiciro cya 3: Uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Section 3: Methods of oversight over Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Section 3 : Moyens de contrôle de l'action gouvernementale</u></b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 17: Uburyo Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma</u></b></p>	<p><b><u>Article 17: Methods by which the Chamber of Deputies exercises oversight over Government activities</u></b></p>	<p><b><u>Article 17 : Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par la Chambre des Députés</u></b></p>
<p>Umutwe w'Abadepite ugenzura ibikorwa bya Guverinoma ukoresheje uburyo bukurikira:</p>	<p>The Chamber of Deputies uses the following methods to exercise oversight over Government activities:</p>	<p>La Chambre des Députés effectue le contrôle de l'action gouvernementale à l'aide des moyens suivants :</p>
<p>(a) kubaza mu magambo;</p> <p>(b) kubaza mu nyandiko;</p>	<p>(a) oral questions;</p> <p>(b) written questions;</p>	<p>(a) la question orale;</p> <p>(b) la question écrite;</p>

<p>(c) kubaza muri Komisiyo; (d) gushyiraho Komisiyo y'igenzura; (e) kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.</p>	<p>(c) hearings before Committees; (d) commissions of inquiry; (e) interpellation.</p>	<p>(c) l'audition en commission; (d) la commission d'enquête; (e) l'interpellation.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 18:</u> Uburyo Sena igenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 18:</u> Methods by which the Senate exercises oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 18:</u> Moyens de contrôle de l'action gouvernementale par le Sénat</b></p>
<p>(1) Mu rwego rwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, Sena ishobora kubaza Minisitiri w'Intebe mu magambo cyangwa mu nyandiko agasubiza ubwe, iyo ari ibibazo byerekeye Guverinoma yose cyangwa Minisiteri nyinshi icyarimwe, cyangwa agasubirizwa n'abagize Guverinoma bireba.</p>	<p>(1) For the purpose of oversight over Government activities, the Senate may put oral or written questions to the Prime Minister to which he or she responds either in person if the questions involve the entire Cabinet or several Ministries collectively or through concerned Cabinet members.</p>	<p>(1) Dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale, le Sénat peut adresser au Premier Ministre des questions orales ou des questions écrites auxquelles il répond soit lui-même, s'il s'agit de questions impliquant l'ensemble du Gouvernement ou plusieurs Ministères à la fois, soit par l'intermédiaire des membres du Gouvernement concernés.</p>
<p>(2) Sena ishobora na none gushyiraho za komisiyo zishinzwe kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.</p>	<p>(2) The Senate may, in addition, set up commissions of inquiry for oversight over Government activities.</p>	<p>(2) Le Sénat peut également constituer des commissions d'enquête pour le contrôle de l'action gouvernementale.</p>
<p>(3) Icyakora, Sena ntishobora kubariza mu ruhame rw'Inteko abagize Guverinoma cyangwa ngo itangize ibyerekeye kubavanaho icyizere.</p>	<p>(3) However, the Senate cannot conduct interpellation of or initiate a motion of no confidence against Cabinet members.</p>	<p>(3) Toutefois, le Sénat ne peut ni procéder à l'interpellation des membres du Gouvernement, ni initier la procédure de censure à leur encontre.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 19:</u> Uko uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bukurikirana</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Hierarchy of methods of oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 19:</u> Hiérarchie des moyens de contrôle de l'action gouvernementale</b></p>
<p>(1) Uburyo bukoreshwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma buvugwa mu</p>	<p>(1) The methods of oversight over Government activities provided for under Articles 17</p>	<p>(1) Les moyens de contrôle de l'action gouvernementale visés aux articles 17 et</p>

<p>ningingo ya 17 n'ya 18 z'iri tegeko ngenga bwubahirizwa mu rukurikirane rwabwo.</p> <p>(1) Hashingiwe ku buremere bw'ikibazo gisuzumwa, urukurikirane rw'uburyo bukoreshwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma rushobora kudakurikizwa. icyakora, Umutwe w'Abadepite ntushobora gutangirira ku buryo bwo kubarizwa mu ruhamwe rw'Inteko.</p> <p><b><u>Akiciro ka mbere: Uburyo bwo kubaza mu magambo</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 20: Kubaza mu magambo</u></b></p> <p>(1) Kubaza mu magambo ni uburyo bukoreshwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma kugira ngo ugize Guverinoma atange ibisubizo mu magambo ku bibazo abajijwe n'Inteko Rusange.</p> <p>(2) Umusenateri, Umudepite cyangwa Komisiyo ihoraho bifuza kubaza mu magambo Minisitiri w'Intebe, Minisitiri, Umunyamabanga wa Leta cyangwa undi ugize Guverinoma, bashyikiriza Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko babarizwamo inyandiko ibisaba. Inteko Rusange ibifataho icyemezo.</p>	<p>and 18 of this Organic Law apply according to their position in the hierarchy.</p> <p>(2) Departures from the hierarchical order of the methods of oversight over Government activities may be made depending on the importance of an issue under consideration. However, the Chamber of Deputies may not begin with interpellation.</p> <p><b><u>Subsection One: Oral question method</u></b></p> <p><b><u>Article 20: Oral question</u></b></p> <p>(1) Oral question is a method used as part of oversight over Government activities in order for a Cabinet member to provide oral answers to questions put to him or her by the Plenary Assembly.</p> <p>(2) A senator, deputy or standing committee wishing to put oral questions to the Prime Minister, a Minister, a Minister of State or any other Cabinet member address a letter to that effect to the Bureau of the Chamber of Parliament of which they are members. The Plenary Assembly decides thereon.</p>	<p>18 de la présente loi organique s'appliquent selon leur position dans leur ordre hiérarchique.</p> <p>(2) En fonction de l'importance d'une question faisant l'objet d'examen, il peut être dérogé à l'ordre hiérarchique des moyens de contrôle de l'action gouvernementale. Toutefois, la Chambre des Députés ne peut pas commencer par interpellation.</p> <p><b><u>Sous-section première : Moyen de question orale</u></b></p> <p><b><u>Article 20 : Question orale</u></b></p> <p>(1) La question orale est un moyen utilisé dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale pour qu'un membre du Gouvernement fournisse des réponses orales aux questions qui lui sont posées par l'Assemblée plénière.</p> <p>(2) Un sénateur, un député ou une commission permanente désirant poser des questions orales au Premier Ministre, à un ministre, à un secrétaire d'État ou à tout autre membre du Gouvernement écrivent à cet effet au Bureau de la Chambre du Parlement dont ils sont</p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 21:</u> Gutumira ugize Guverinoma gutanga ibisubizo mu magambo</b></p> <p>Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba amenyesha Minisitiri w'Intebe mu nyandiko ko ugize Guverinoma atumiwe gusubiza mu magambo mu Nteko Rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u> Kutaboneka k'uwasabye ibisubizo mu magambo</b></p> <p>Iyo uwatanze ikibazo adashoboye kuboneka mu Nteko Rusange kibarizwamo, asaba undi mu bagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko abarizwamo kumuhagararira. Iyo atagaragaje ubikora mu mwanya we ku mpamvu zumvikana, Visi Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ufite kugenzura ibikorwa bya Guverinoma mu nshingano ageza ku Nteko Rusange icyo kibazo.</p>	<p><b><u>Article 21:</u> Summoning a Cabinet member for oral answers</b></p> <p>The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament informs the Prime Minister in writing that a Cabinet member is summoned for oral answers before the Plenary Assembly.</p> <p><b><u>Article 22:</u> Absence of the submitter of oral question</b></p> <p>When the submitter of an oral question is unable to attend the plenary sitting in which the question is to be posed, he or she asks his or her fellow member of the Chamber of Parliament of which he or she is a member to act on his or her behalf for that purpose. If, for valid reasons, he or she fails to do so, the Deputy Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament in charge of parliamentary affairs presents the question before the Plenary Assembly.</p>	<p>membres. L'Assemblée plénière s'y prononce.</p> <p><b><u>Article 21 :</u> Convocation d'un membre du Gouvernement aux fins de réponses orales</b></p> <p>Le Président de la Chambre du Parlement concernée informe par écrit le Premier Ministre qu'un membre du Gouvernement est convoqué aux fins de réponses orales devant l'Assemblée plénière.</p> <p><b><u>Article 22 :</u> Absence de l'auteur d'une question orale</b></p> <p>Lorsque l'auteur d'une question n'est pas en mesure de se présenter à la séance plénière au cours de laquelle cette question est prévue d'être posée, il demande à un autre membre de la Chambre du Parlement dont il est membre d'agir en son nom à cet effet. Si, pour des raisons valables, il ne parvient pas à le faire, le Vice-président de la Chambre du Parlement concernée ayant les affaires parlementaires dans ses attributions présente cette question devant l'Assemblée plénière.</p>
--	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 23:</u> Kutaboneka k'ugize Guverinoma mu Nteko Rusange itangirwamo ibisubizo mu magambo</b></p> <p>(1) Minisitiri w'Intebe akoresheje inyandiko amenyesha Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba impamvu ugize Guverinoma ataboneka mu gutanga ibisubizo mu magambo. Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba isuzuma ko impamvu zatanze zifite ishingiro, ikabimenyesha abagize uwo Mutwe. icyo gihe iyo ngingo irasubikwa ikimurirwa ku munsu ugenwa na Biro y'Umutwe bireba.</p> <p>(2) Iyo ugize Guverinoma wasabwe gutanga ibisubizo mu magambo atabonetse nta mpamvu cyangwa izatanze zidafite ishingiro, Inteko Rusange ifata umwanzuro wo kubaza mu nyandiko.</p>	<p><b><u>Article 23:</u> Absence of Cabinet member at a plenary sitting in which oral answers are expected to be provided</b></p> <p>(1) The Prime Minister informs the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament in writing of the reasons why a Cabinet member cannot appear to provide oral answers. The Bureau of the relevant Chamber of Parliament assesses the validity of the reasons given and informs members of such a Chamber thereof. In that case, such an item is moved to such other date as determined by the Bureau of the relevant Chamber.</p> <p>(2) When a Cabinet member summoned for oral answers fails to appear without him or her giving reasons therefor or after giving invalid reasons, the Plenary Assembly resolves to make use of written questions.</p>	<p><b><u>Article 23 :</u> Absence d'un membre du Gouvernement à la séance plénière au cours de laquelle les réponses orales sont prévues</b></p> <p>(1) Le Premier Ministre informe par écrit le Président de la Chambre du Parlement concernée des motifs pour lesquels un membre du Gouvernement ne peut se présenter pour donner des réponses orales. Le Bureau de la Chambre du Parlement concernée apprécie la validité des motifs présentés et en informe les membres de cette Chambre. Dans ce cas, ce point est reporté à une nouvelle date déterminée par le Bureau de la Chambre concernée.</p> <p>(2) Lorsqu'un membre du Gouvernement convoqué aux fins de réponses orales ne se présente pas sans motifs ou en donnant des motifs non valables à cet effet, l'Assemblée plénière décide de recourir aux questions écrites.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u> Gutanga ikibazo mu magambo mu Nteko Rusange n'ibisubizo</b></p> <p>(1) Uwatanze ikibazo mu magambo cyangwa umuhagarariye ahabwa umwanya kugira ngo asomere mu Nteko Rusange ikibazo cyashyikirijwe ugize Guverinoma bireba.</p>	<p><b><u>Article 24:</u> Asking oral question in plenary sitting and providing answers</b></p> <p>(1) The submitter of an oral question or his or her representative is given a speaking time to read out in plenary sitting the question submitted to a Cabinet member concerned.</p>	<p><b><u>Article 24 :</u> Poser une question orale en séance plénière et fourniture de réponses</b></p> <p>(1) L'auteur d'une question orale ou son représentant se voit accorder un temps de parole pour donner lecture en séance plénière réservée à la question soumise au membre du Gouvernement concerné.</p>

<p>(2) icyakora, iyo gutanga ibisubizo mu magambo bikomoka ku mwanzuro w'Inteko Rusange, ikibazo gisomwa na Visi Perezida ufite mu nshingano kugenzura ibikorwa bya Guverinoma.</p> <p>(3) Iyo ugize Guverinoma arangije gutanga ibisubizo mu magambo, abagize Inteko Rusange, bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo, ugize Guverinoma bireba agatanga ibisubizo.</p>	<p>(2) If, however, it comes to giving oral answers as a result of a resolution of the Plenary Assembly, the question is read out by the Deputy Presiding Officer in charge of parliamentary affairs.</p> <p>(3) When a Cabinet member finishes giving oral answers, the floor is opened up for questions and comments from members of the Plenary Assembly, in which case the Cabinet member concerned provides answers.</p>	<p>(2) Toutefois, lorsqu'il s'agit de fournir de réponses orales à la suite d'une résolution de l'Assemblée plénière, lecture de la question est donnée par le Vice-président ayant les affaires parlementaires dans ses attributions.</p> <p>(3) Lorsqu'un membre du Gouvernement termine la présentation des réponses orales, la parole est accordée aux membres de l'Assemblée plénière pour questions et commentaires, auquel cas un membre du Gouvernement fournit des réponses.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25: Gufata umwanzuro nyuma yo kugezwaho ibisubizo mu magambo</u></b></p>	<p><b><u>Article 25: Adoption of a resolution after being presented with oral answers</u></b></p>	<p><b><u>Article 25: Adoption d'une résolution après suivi d'une présentation de réponses orales</u></b></p>
<p>(1) Nyuma yo kugezwaho ibisubizo mu magambo n'ugize Guverinoma, abagize Inteko Rusange bitabiriye inama bafata umwe mu myanzuro ikurikira:</p> <p>(a) kunyurwa n'ibisubizo byatanzwe ikibazo kigahagararira aho;</p> <p>(b) kugaragaza ibigomba kunozwa cyangwa gukurikiranwa n'igihe umwanzuro ugomba kuba washyizwe mu bikorwa;</p>	<p>(1) After being presented with oral answers by a Cabinet member, members of the Plenary Assembly present in the sitting adopt one of the following resolutions:</p> <p>(a) express satisfaction over the answers given and the matter is closed;</p> <p>(b) indicate improvements or follow-ups to be made and deadlines for implementation of the resolution;</p>	<p>(1) Après avoir suivi les réponses orales présentées par un membre du Gouvernement, les membres de l'Assemblée plénière présents en séance prennent l'une des résolutions suivantes :</p> <p>(a) exprimer la satisfaction à l'égard des réponses données et la question est close ;</p> <p>(b) indiquer les améliorations ou les suivis devant être faites et les délais de mise en œuvre de la résolution ;</p>

<p>(c) kwemeza ko hakoresha ubundi buryo bwisumbuye bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma buteganywa n'iri tegeko ngenga.</p> <p>(2) Umwanzuro ufatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse ufatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p> <p>(3) Iyo Inteko Rusange ifashe umwanzuro wo kugaragaza ibigomba kunozwa, bimenyeshwa Minisitiri w'Intebe mu nyandiko igaragaza igihe agomba kuba yagejeje ku Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba raporo ku ishyirwa mu bikorwa ryawo.</p> <p>(4) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ashyikiriza Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imyanzuro, igategurira Inteko Rusange raporo.</p> <p><b><u>Akiciro ka 2: Uburyo bwo kubaza mu nyandiko</u></b></p>	<p>(c) resolve to make use of another higher-level method of oversight over Government activities provided for under this Organic Law.</p> <p>(2) The resolution is adopted by consensus. Failing consensus, the resolution is adopted by an absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p> <p>(3) When the Plenary Assembly adopts a resolution indicating improvements to be made, written notification thereof is given to the Prime Minister, indicating the time limits within which he or she must submit to the relevant Chamber of Parliament a report on the implementation of the resolution.</p> <p>(4) The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament submits to the relevant standing committee a report on the implementation of the resolutions, and the standing committee, in turn, prepares, to that effect, a report for the Plenary Assembly.</p> <p><b><u>Subsection 2: Written question method</u></b></p>	<p>(c) décider de faire recours à un autre moyen de contrôle de l'action gouvernementale de niveau supérieur prévu par la présente loi organique.</p> <p>(2) La résolution est adoptée par consensus. À défaut de consensus, elle est adoptée à la majorité absolue des voix des membres de l'Assemblée plénière présents en séance.</p> <p>(3) Lorsque l'Assemblée plénière adopte une résolution indiquant les améliorations devant être faites, une notification écrite à cet effet est donnée au Premier Ministre, indiquant les délais dans lesquels il doit soumettre à la Chambre du Parlement concernée un rapport sur la mise en œuvre de cette résolution.</p> <p>(4) Le Président de la Chambre du Parlement concernée transmet un rapport sur la mise en œuvre des résolutions à la commission permanente compétente qui, à son tour, prépare, à cet effet, un rapport à l'intention de l'Assemblée plénière.</p> <p><b><u>Sous-section 3 : Moyen de question écrite</u></b></p>
--	--	--

<b>Ingingo ya 26: Kubaza mu nyandiko n'uburyo bikorwa</b>	<b>Article 26: Written question and related procedure</b>	<b>Article 26 : Question écrite et procédure y relative</b>
<p>(1) Kubaza mu nyandiko ni uburyo bukorehwa mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma kugira ngo ugize Guverinoma atange ibisubizo mu nyandiko ku bagize Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ku bibazo yashyikirijwe mu nyandiko.</p>	<p>(1) Written question is a method used as part of oversight over Government activities in order for a Cabinet member to provide members of the relevant Chamber of Parliament with written answers in response to written questions submitted to him or her.</p>	<p>(1) La question écrite est un moyen utilisé dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale pour qu'un membre du Gouvernement fournisse des réponses écrites aux membres de la Chambre du Parlement concernée en rapport avec les questions écrites qui lui sont soumises.</p>
<p>(2) Umusenateri, Umudepite cyangwa Komisiyo ihoraho bifuzako hatangwa ibisubizo mu nyandiko mu rwego rwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma, bandikira Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba, basobanura ikibazo bakeneye kubaza, impamvu yacyo n'ugize Guverinoma bifuzako atanga ibisubizo mu nyandiko. Inteko Rusange ibifataho icyemezo.</p>	<p>(2) A senator, a deputy or a standing committee wishing to see written answers provided as part of oversight over Government activities notify the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament in writing of their intention, clarifying the question they wish to ask, the reason for the question and a Cabinet member they want to see provide written answers. The Plenary Assembly decides thereon.</p>	<p>(2) Un sénateur, un député ou une commission permanente qui désirent avoir des réponses écrites dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale en font une demande écrite au Président de la Chambre du Parlement concernée, précisant la question qu'ils souhaitent poser, le motif de cette dernière et un membre du Gouvernement qu'ils souhaitent voir y donner des réponses écrites. L'Assemblée plénière s'y prononce.</p>
<p>(3) Kubaza mu nyandiko bishobora gusabwa mu mwanzuro w'Inteko Rusange.</p>	<p>(3) The written question may be required by resolution of the Plenary Assembly.</p>	<p>(3) La question écrite peut être requise par résolution de l'Assemblée plénière.</p>
<p>(4) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba abimenyeshya Minisitiri w'Intebe mu nyandiko, akagera kopi Perezida wa Repubulika n'abagize</p>	<p>(4) The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament informs the Prime Minister in writing thereof and sends a copy to the President of the Republic and</p>	<p>(4) Le Président de la Chambre du Parlement concernée en informe le Premier ministre par écrit et réserve copie au Président de la République et aux membres de la Chambre du Parlement concernée.</p>

<p>Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba.</p> <p>(5) Ugize Guverinoma wasabwe ibisubizo mu nyandiko ntabwo abisobanura mu magambo mu Nteko Rusange.</p> <p><b><u>Ingingo ya 27: Gutanga ibisobanuro mu nyandiko no gufata umwanzuro</u></b></p> <p>(1) Minisitiri w'Intebe yohereza Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ibisubizo mu nyandiko byatanzwe n'ugize Guverinoma bireba mu gihe kitarenze iminsi 15 uherye ku muni yashyikirijwe inyandiko imusaba ko ugize Guverinoma bireba atanga ibisubizo mu nyandiko.</p> <p>(2) Ugize Guverinoma wasabwe gutanga ibisubizo mu nyandiko ashobora gusaba kongererwa igihe byemejwe na Biro y'Umutwe bireba, iyo hari impamvu yumvikana. Kongererwa igihe ntabwo ashobora kurenga iminsi 15 uherye igihe yabonye urwandiko rumwemerera kongererwa igihe.</p>	<p>the members of the relevant Chamber of Parliament.</p> <p>(5) A Cabinet member required to provide written answers does not make oral presentation thereof in the plenary sitting.</p> <p><b><u>Article 27: Submission of written answers and adoption of a resolution</u></b></p> <p>(1) The Prime Minister sends to the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament written answers provided by a Cabinet member concerned within 15 days of the date of receipt of a document requesting him or her to instruct the Cabinet member concerned to provide written answers.</p> <p>(2) A Cabinet member asked to provide written answers may, in a justified case at the discretion of the Bureau of the relevant Chamber, request an extension of the deadline. The deadline may be extended to a maximum of 15 days from the date of receipt by the member of a letter granting the extension.</p>	<p>(5) Un membre du Gouvernement de la part duquel des réponses écrites sont exigées n'en fait pas de présentation orale en séance plénière.</p> <p><b><u>Article 27: Transmission de réponses écrites et adoption d'une résolution</u></b></p> <p>(1) Le Premier Ministre transmet au Président de la Chambre du Parlement concernée les réponses écrites fournies par un membre du Gouvernement concerné, et ce, dans les 15 jours suivant la date de réception d'un document lui demandant d'enjoindre au membre concerné du Gouvernement de fournir des réponses écrites.</p> <p>(2) Un membre du Gouvernement à qui il est demandé de fournir des réponses écrites peut, pour un motif valable laissé à l'appréciation du Bureau de la Chambre concernée, solliciter la prorogation du délai. Ce délai ne peut être prorogé pour une durée de plus de 15 jours à compter de la réception par lui d'une lettre lui accordant la prorogation du délai.</p>
---	---	---

<p>(3) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba aha kopi y'ibisubizo abawugize.</p>	<p>(3) The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament sends a copy of the answers to the members of the relevant Chamber of Parliament.</p>	<p>(3) Le Président de la Chambre du Parlement concernée réserve une copie des réponses aux membres de cette Chambre.</p>
<p>(4) Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ashyikiriza inyandiko y'ibisubizo Komisiyo ihoraho ibifite mu nshingano, na yo igategurira Inteko Rusange raporo igaragaza uburyo ibona ibisubizo byatanzwe.</p>	<p>(4) The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament forwards a copy of the answers to the relevant standing committee which in turn prepares for the Plenary Assembly a report containing its views on the answers provided.</p>	<p>(4) Le Président de la Chambre du Parlement concernée transmet une copie des réponses à la commission permanente compétente qui, à son tour, prépare, à l'intention de l'Assemblée plénière, un rapport faisant état de son point de vue sur les réponses fournies.</p>
<p>(5) Inteko Rusange ibifataho umwe mu myanzuro ikurikira:</p>	<p>(5) To this end, the Plenary Assembly adopts one of the following resolutions:</p>	<p>(5) L'Assemblée plénière adopte, à cet effet, l'une des résolutions suivantes :</p>
<p>(a) kunyurwa n'ibisubizo byatanzwe ikibazo kigahagararira aho;</p>	<p>(a) express satisfaction over the answers given and the matter is closed;</p>	<p>(a) exprimer la satisfaction à l'égard des réponses données et la question est close ;</p>
<p>(b) kugaragaza ibigomba kunozwa cyangwa gukurikiranwa n'igihe umwanzuro ugomba kuba washyizwe mu bikorwa;</p>	<p>(b) indicate improvements or follow-ups to be made and deadlines for implementation of the resolution;</p>	<p>(b) indiquer les améliorations ou les suivis devant être faites et les délais de mise en œuvre de cette résolution ;</p>
<p>(c) kwemeza ko hakorehwa ubundi buryo bwisumbuye bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma buteganywa n'iri tegeko ngenga.</p>	<p>(c) resolve to make use of another higher-level method of oversight over Government activities provided for under this Organic Law.</p>	<p>(c) décider de faire recours à un autre moyen de contrôle de l'action gouvernementale de niveau supérieur prévu par la présente loi organique.</p>
<p>(6) Umwanzuro ufatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse ufatwa ku</p>	<p>(6) The resolution is adopted by consensus. Failing consensus, the</p>	<p>(6) La résolution est adoptée par consensus. À défaut de consensus, la</p>

<p>bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p> <p><b><u>Ingingo ya 28:</u> Kudatanga ibisubizo mu nyandiko</b></p> <p>Iyo ugize Guverinoma wasabwe gutanga ibisubizo mu nyandiko atabitanze mu gihe cyateganyijwe nta mpamvu, Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ifata umwanzuro wo gukoresha ubundi buryo bwisumbuye bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma buteganywa n'iri tegeko ngenga.</p> <p><b><u>Akiciro ka 3:</u> Uburyo bwo kubaza muri Komisiyo</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 29:</u> Kubaza muri Komisiyo</b></p> <p>(1) Kubaza muri Komisiyo ni uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bwemezwa n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite hasabwa ko ugize Guverinoma aza gutanga ibisobanuro muri Komisiyo.</p>	<p>resolution is adopted by an absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p> <p><b><u>Article 28:</u> Failure to provide written answers</b></p> <p>When a Cabinet member asked to provide written answers fails without good reason to provide such answers within the prescribed time limit, the Plenary Assembly of the relevant Chamber of Parliament adopts a resolution to make use of any of the higher-level methods of oversight over Government activities provided for under this Organic Law.</p> <p><b><u>Subsection 3:</u> Committee hearing method</b></p> <p><b><u>Article 29:</u> Committee hearing</b></p> <p>(1) Committee hearing is a method of oversight over Government activities decided by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies by requiring a Cabinet member to appear before a committee to give explanations.</p>	<p>résolution est adoptée à la majorité absolue des voix des membres de l'Assemblée plénière présents en séance.</p> <p><b><u>Article 28:</u> Manquement à la fourniture de réponses écrites</b></p> <p>Lorsqu'un membre du Gouvernement à qui il est demandé de fournir des réponses écrites omet sans motif valable de fournir ces réponses dans les délais prévus, la Chambre du Parlement concernée adopte une résolution de faire recours à l'un ou l'autre des moyens de contrôle de l'action gouvernementale de niveau supérieur prévu par la présente loi organique.</p> <p><b><u>Sous-section 3:</u> Moyen d'audition en commission</b></p> <p><b><u>Article 29 :</u> Audition en commission</b></p> <p>(1) L'audition en commission est un moyen de contrôle de l'action gouvernementale décidé par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés en exigeant qu'un membre du Gouvernement comparaisse devant une commission pour donner des explications.</p>
--	---	---

<p>(2) Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite ishobora gufata umwanzuro wo kubaza muri Komisiyo ugize Guverinoma nk'uburyo bwa mbere bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma. Inteko Rusange ishobora kandi gufata umwanzuro wo kubaza muri Komisiyo iyo itanyuzwe n'ibisubizo byatanze mu gihe cyo kubaza mu magambo cyangwa mu nyandiko.</p>	<p>(2) The Plenary Assembly of the Chamber of Deputies may adopt a resolution to make committee hearing of a Cabinet member its first step in conducting oversight over Government activities. The Plenary Assembly may also decide to make use of committee hearing if it is not satisfied with responses to written or oral questions.</p>	<p>(2) L'Assemblée plénière de la Chambre des Députés peut adopter une résolution de faire de l'audition en commission d'un membre du Gouvernement sa première étape du contrôle de l'action gouvernementale. L'Assemblée plénière peut également décider de recourir à l'audition en commission si elle n'est pas satisfaite des réponses apportées aux questions écrites ou orales.</p>
<p>(3) Kubaza muri Komisiyo bishobora kandi gusabwa n'Umudepite, bigafatwaho umwanzuro n'Inteko Rusange.</p>	<p>(3) Committee hearing may also be proposed by a deputy, in which case the Plenary Assembly decides thereon.</p>	<p>(3) L'audition en commission peut également être proposée par un député, auquel cas l'Assemblée plénière s'y prononce.</p>
<p>(4) Byemejwe n'Inteko Rusange, kubaza muri Komisiyo bishobora gukorwa muri Komisiyo ihoraho cyangwa yiyongereyeho Umudepite watangije ikibazo gisuzumwa.</p>	<p>(4) Committee hearing may, upon a decision by the Plenary Assembly, be held at the stage of a standing committee either alone or with another deputy who is a submitter of the question under consideration.</p>	<p>(4) L'audition en commission peut, sur décision de l'Assemblée plénière, se faire en commission permanente, soit seule, soit avec un autre député auteur de la question sous examen.</p>
<p>(5) Inteko Rusange igena ibigomba gukorwa n'iyi Komisiyo.</p>	<p>(5) The Plenary Assembly establishes the terms of reference of the Committee.</p>	<p>(5) L'Assemblée plénière fixe les termes de référence de cette commission.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 30: Gutumira ugize Guverinoma gutanga ibisubizo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo</u></b></p>	<p><b><u>Article 30: Summoning a Cabinet member to appear to provide answers during committee hearing</u></b></p>	<p><b><u>Article 30 : Convocation d'un membre du Gouvernement pour fournir des réponses lors de l'audition en commission</u></b></p>
<p>(1) Perezida w'Umutwe w'Abadepite yandikira Minisitiri w'Intebe amusaba gutanga ibisubizo muri Komisiyo iyo ari we bireba cyangwa amusaba</p>	<p>(1) The Speaker of the Chamber of Deputies sends a letter to the Prime Minister, inviting him or her to provide answers before a committee where it is the Prime</p>	<p>(1) Le Président de la Chambre des Députés adresse une lettre au Premier Ministre, l'invitant à fournir des réponses devant une commission lorsque c'est le Premier</p>

<p>kubimenyeshya undi ugize Guverinoma bireba.</p> <p>(2) Urwandiko rutumira rugaragaza umunsi, itariki, isaha, aho inama izabera n'ibibazo ugize Guverinoma asabwa gutangaho ibisubizo. Kopi yarwo yoherezwa Perezida wa Repubulika na Perezida wa Sena.</p> <p>(3) Mu kugena itariki n'umunsi, Perezida w'Umutwe w'Abadepite yita ku gihe cyo kwitegura kigenerwa ugize Guverinoma wahamagajwe kubarizwa muri Komisiyo. icyo gihe ntigishobora kujya munsi y'iminsi irindwi y'akazi ibarwa uhereye ku munsi Minisitiri w'Intebe yoherejweho urwandiko rutumira.</p> <p>(4) icyakora, ugize Guverinoma watumiwe gutanga ibisubizo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo ashobora gusaba kongererwa igihe, iyo hari impamvu yumvikana. Kongererwa igihe ntibishobora kuba inshuro irenze imwe.</p> <p>(5) Iyo ugize Guverinoma watumiwe gutanga ibisubizo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo atabonetse afite impamvu</p>	<p>Minister himself or herself who is concerned or to inform another Cabinet member concerned.</p> <p>(2) The invitation letter specifies the day, date, time, venue of the meeting and questions in respect of which a Cabinet member is asked to provide answers. A copy of the letter is sent to the President of the Republic and the President of the Senate.</p> <p>(3) When determining the date and day, the Speaker of the Chamber of Deputies takes into account the preparation period to be allowed to the Cabinet member summoned for committee hearing. The period may not be less than seven working days from the date the summons to appear is transmitted to the Prime Minister.</p> <p>(4) However, a Cabinet member summoned to provide answers may, in a justified case, request an extension of such a deadline. The deadline may not be extended more than once.</p> <p>(5) If, in justified cases, a Cabinet member summoned to provide answers at a committee hearing fails to appear, the</p>	<p>Ministre lui-même qui est concerné ou d'informer un autre membre du Gouvernement concerné.</p> <p>(2) La lettre d'invitation précise le jour, la date, l'heure, le lieu de la réunion et les questions au regard desquelles il est demandé à un membre du Gouvernement de donner des réponses. Une copie de cette lettre est envoyée au Président de la République et au Président du Sénat.</p> <p>(3) En déterminant la date et le jour, le Président de la Chambre des Députés tient compte du temps de préparation à accorder au membre du Gouvernement convoqué à des fins d'audition en commission. Ce délai ne peut être inférieur à sept jours ouvrables à compter du jour de transmission au Premier Ministre de la lettre de convocation.</p> <p>(4) Toutefois, un membre du Gouvernement convoqué pour fournir des réponses peut, pour un motif valable, solliciter une prorogation du délai. La prorogation du délai ne peut se faire plus d'une fois.</p> <p>(5) Si, pour des motifs valables, un membre du Gouvernement convoqué pour fournir des réponses lors d'une audition en</p>
--	---	--

<p>zumvikana, Biro y’Umutwe w’Abadepite yimurira ikibazo ku wundi muni.</p> <p>(6) Iyo ugize Guverinoma watumiwe gutanga ibisubizo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo atabonetse ku muni yatumiweho nta mpamvu cyangwa izatanzwe zidafite ishingiro, Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite ifata umwanzuro wo gushyiraho Komisiyo y’igenzura.</p>	<p>Bureau of the Chamber of Deputies moves the question to another day.</p> <p>(6) When a Cabinet member summoned to provide answers at a committee hearing fails to appear without him or her giving reasons therefor or after giving invalid reasons, the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies resolves to establish a commission of inquiry.</p>	<p>commission omet de comparaître, le Bureau de la Chambre des Députés reporte la question à une autre date.</p> <p>(6) Lorsqu’un membre du Gouvernement convoqué pour fournir des réponses lors d’une audition en commission omet de comparaître sans motifs ou en donnant des motifs non valables, l’Assemblée plénière de la Chambre des Députés décide de créer une commission d’enquête.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 31: Imikorere ya Komisiyo mu gihe cyo kubaza muri Komisiyo</u></b></p> <p>(1) Mu gihe Inteko Rusange y’Umutwe w’Abadepite yemeje ko ugize Guverinoma abarizwa muri Komisiyo, Komisiyo ishinzwe icyo kibazo ikurikiza imikorere isanzwe ya Komisiyo ihoraho y’Umutwe w’Abadepite.</p> <p>(2) Imirimo y’iyo Komisiyo isozwa iyo Inteko Rusange imaze kwakira raporo yayo no kuyifataho umwanzuro.</p>	<p><b><u>Article 31: Functioning of the Committee during committee hearing</u></b></p> <p>(1) When the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies resolves to conduct a committee hearing of a Cabinet member, the committee responsible for such a hearing operates in the same way as a standing committee of the Chamber of Deputies.</p> <p>(2) Such a committee ends its work after presentation of its report to the Plenary Assembly and adoption by the Plenary Assembly of a resolution.</p>	<p><b><u>Article 31: Fonctionnement de la commission lors de l’audition en commission</u></b></p> <p>(1) Lorsque l’Assemblée plénière de la Chambre des Députés décide l’audition en commission d’un membre du Gouvernement, la commission chargée de cette audition fonctionne de la même manière qu’une commission permanente de la Chambre des Députés.</p> <p>(2) Cette commission clôture ses travaux après présentation de son rapport à l’Assemblée plénière et l’adoption par cette dernière d’une résolution.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 32: Raporo ya Komisiyo n’ifatwa ry’umwanzuro ku kubaza muri Komisiyo</u></b></p> <p>(1) Komisiyo irangije igikorwa cyo kubaza muri Komisiyo itegurira Inteko Rusange raporo, ikayifataho umwe mu myanzuro ikurikira:</p> <p>(a) kunyurwa n’ibisubizo byatanzwe ikibazo kigahagararira aho;</p> <p>(b) kugaragaza ibigomba kunozwa cyangwa gukurikiranwa n’igihe umwanzuro ugomba kuba washyizwe mu bikorwa;</p> <p>(c) kwemeza ko hashyirwaho komisiyo y’igenzura.</p> <p>(2) Umwanzuro ufatwa ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse ufatwa ku bwiganze burunduye bw’amajwi y’Abadepite bitabiriye Inteko Rusange.</p> <p><b><u>Akiciro ka 4: Komisiyo y’igenzura</u></b></p>	<p><b><u>Article 32: Committee report and adoption of a resolution following committee hearing</u></b></p> <p>(1) The committee that concludes a committee hearing prepares a report for the Plenary Assembly, which adopts one of the following resolutions on the report:</p> <p>(a) express satisfaction over the answers given and the matter is closed;</p> <p>(b) indicate improvements or follow-ups to be made and deadlines for implementation of the resolution;</p> <p>(c) resolve to establish a commission of inquiry.</p> <p>(2) The resolution is adopted by consensus. Failing consensus, the resolution is adopted by an absolute majority of the votes of the deputies present in the plenary sitting.</p> <p><b><u>Subsection 4: Commission of inquiry</u></b></p>	<p><b><u>Article 32: Rapport de commission et adoption d’une résolution après audition en commission</u></b></p> <p>(1) Une Commission qui clôture une audition en commission prépare un rapport à soumettre à l’Assemblée plénière qui adopte l’une des résolutions suivantes sur ce rapport :</p> <p>(a) exprimer la satisfaction à l’égard des réponses données et la question est close ;</p> <p>(b) indiquer les améliorations ou les suivis devant être faites et les délais de mise en œuvre de cette résolution ;</p> <p>(c) décider la création d’une commission d’enquête.</p> <p>(2) La résolution est adoptée par consensus. À défaut de consensus, la résolution est adoptée à la majorité absolue des voix des députés présents en séance plénière.</p> <p><b><u>Sous-section 4 : Commission d’enquête</u></b></p>
---	---	--

<b>Ingingo ya 33: Komisiyo y'igenzura n'uburyo ishyirwaho</b>	<b>Article 33: Commission of inquiry and procedures for its establishment</b>	<b>Article 33: Commission d'enquête et procédure de sa création</b>
<p>(1) Komisiyo y'igenzura ni uburyo bwo kugenzura ibikorwa bya Guverinoma bwemezwa n'Inteko Rusange igamije gushakisha ukuri ku kibazo gifitanye isano n'ibikorwa bya Guverinoma Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ukeneye kumenya no kugenzura ku buryo bunononsoye.</p>	<p>(1) The commission of inquiry is a method of oversight over Government activities that is decided by the Plenary Assembly for the purpose of searching for the truth about an issue pertaining to Government activities and in respect of which the relevant Chamber of Parliament needs to have information and conduct oversight more thoroughly.</p>	<p>(1) La commission d'enquête est un moyen de contrôle de l'action gouvernementale décidé par l'Assemblée plénière aux fins de rechercher la vérité au sujet d'un problème ayant trait à l'action gouvernementale et au regard duquel la Chambre du Parlement concernée a besoin de disposer d'une information et de faire un contrôle de manière plus approfondie.</p>
<p>(2) Komisiyo y'igenzura ishyirwaho n'umwanzuro w'Inteko Rusange igihe cyose Umutwe w'Inteko ishinga Amategeko bireba utanyuzwe n'ibisubizo byatanzwe mu gihe cyo kubaza mu magambo, mu nyandiko cyangwa muri Komisiyo.</p>	<p>(2) The commission of inquiry is established by a resolution of the Plenary Assembly whenever the relevant Chamber of Parliament is not satisfied with responses to oral or written questions or those provided during a committee hearing.</p>	<p>(2) La commission d'enquête est constituée par résolution de l'Assemblée plénière chaque fois que la Chambre du Parlement concernée n'est pas satisfaite des réponses fournies lors des questions orales ou écrites ou d'une audition en commission.</p>
<p>(3) Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ishobora gushyiraho Komisiyo y'igenzura iyo isanze ari bwo buryo bwakoreshwa bwa mbere, ubisabwe n'Umusenateri, Umudepite cyangwa Komisiyo ihoraho.</p>	<p>(3) The Plenary Assembly of the relevant Chamber of Parliament may make the commission of inquiry the first-stage method if it deems it appropriate or at the request of a senator, deputy or standing committee.</p>	<p>(3) L'Assemblée plénière de la Chambre du Parlement concernée peut faire de la commission d'enquête le moyen de premier palier si elle le juge approprié ou à la demande d'un sénateur, d'un député ou d'une commission permanente.</p>
<p>(4) Inteko Rusange ifata icyemezo cyo gushyiraho Komisiyo y'igenzura ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye</p>	<p>(4) The Plenary Assembly decides the establishment of a commission of inquiry by consensus. Failing consensus, it decides by an absolute majority of the votes of the</p>	<p>(4) L'Assemblée plénière décide la constitution d'une commission d'enquête par consensus. À défaut de consensus, elle décide à la majorité absolue des voix des</p>

<p>bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama. icyakora, iyo Komisiyo y'igenzura ari bwo buryo bukoreshwe bwa mbere, icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p> <p><b><u>Ingingo ya 34:</u> Inshingano za Komisiyo y'igenzura n'igihe cyo gutanga raporo</b></p> <p>Iyo Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba imaze gufata icyemezo cyo gushyiraho Komisiyo y'igenzura, yerekana neza ugize Guverinoma ugenzurwa n'ibigomba kugenzurwa n'iyi Komisiyo ndetse n'igihe raporo y'igenzura igomba kuba yatanzwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 35:</u> Ububasha bwa Komisiyo y'igenzura</b></p> <p>(1) Komisiyo y'igenzura ifite ububasha busesuye bwo kubaza uwo ari we wese no gushaka amakuru, ubuhamya n'ibimenyetso byatuma igaragaza ukuri ku byo igenzura.</p>	<p>members of the Plenary Assembly present in the sitting. However, if the commission of inquiry is used as a first-stage method, the decision is taken by an absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p> <p><b><u>Article 34:</u> Mandate of the commission of inquiry and deadline for submission of its report</b></p> <p>When the Plenary Assembly of the relevant Chamber of Parliament resolves to establish a commission of inquiry, it clearly specifies a Cabinet member to be subject to inquiry and the scope of the inquiry by the commission, as well as the deadline for submission of its report.</p> <p><b><u>Article 35:</u> Powers of the commission of inquiry</b></p> <p>(1) The commission of inquiry is vested with the most extensive powers to hear any person and search for information, testimonies and evidence likely to enable it to uncover the truth about matters under inquiry.</p>	<p>membres de l'Assemblée plénière présents en séance. Toutefois, si la commission d'enquête est utilisée en tant que moyen de premier palier, la décision est prise à la majorité absolue des voix des membres de l'Assemblée plénière présents en séance.</p> <p><b><u>Article 34:</u> Mandat de la commission d'enquête et délai de soumission de son rapport</b></p> <p>Lorsque l'Assemblée plénière de la Chambre du Parlement concernée décide de constituer une commission d'enquête, elle précise clairement un membre du Gouvernement devant faire l'objet d'enquête et la portée de l'enquête par cette commission ainsi que le délai de soumission de son rapport.</p> <p><b><u>Article 35:</u> Pouvoirs de la commission d'enquête</b></p> <p>(1) La commission d'enquête est investie des pouvoirs les plus étendus pour auditionner n'importe quelle personne et rechercher des informations, des témoignages et des preuves susceptibles de lui permettre d'établir la vérité sur les questions faisant l'objet de son enquête.</p>
---	---	--

<p>(2) Komisiyo y'igenzura ishobora gufata amajwi n'amashusho no gusaba inyandiko byayifasha kugera ku nshingano zayo.</p>	<p>(2) The commission of inquiry may make audio and video recordings and ask to be furnished with documents which may be useful for the performance of its responsibilities.</p>	<p>(2) La commission d'enquête peut procéder à des enregistrements audio et vidéo et se faire remettre les documents pouvant lui être utiles dans l'accomplissement de ses attributions.</p>
<p><b>Ingingo ya 36: Uko abagize Komisiyo y'igenzura bashyirwaho</b></p>	<p><b>Article 36: Modalities for appointment of members of a commission of inquiry</b></p>	<p><b>Article 36 : Modalités de nomination des membres d'une commission d'enquête</b></p>
<p>(1) Abagize Komisiyo y'igenzura batoranywa na Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba bakemezwa n'Inteko Rusange ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse bemezwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p>	<p>(1) Members of the commission of inquiry are nominated by the Bureau of the relevant Chamber of Parliament and approved by the Plenary Assembly by consensus. Failing consensus, they are approved by an absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p>	<p>(1) Les membres d'une commission d'enquête sont proposés par le Bureau de la Chambre du Parlement concernée et approuvés par l'Assemblée plénière par consensus. À défaut de consensus, ils sont approuvés à la majorité absolue des voix des membres de l'Assemblée plénière présents en séance plénière.</p>
<p>(2) Abagize Komisiyo y'igenzura ntibashobora kujya muni y'umubare w'abagize Komisiyo ihoraho muri buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko.</p>	<p>(2) The number of members of a commission of inquiry may not be smaller than that of members of a standing committee of either Chamber of Parliament.</p>	<p>(2) Le nombre de membres d'une commission d'enquête ne peut être inférieur à celui de membres d'une commission permanente de l'une ou l'autre Chambre du Parlement.</p>
<p>(3) Inteko Rusange yemeza umuyobozi wa Komisiyo y'igenzura n'umwungirije ari na we ushinzwe imyandikire ya raporo, batoranywa na Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko mu bagize iyo Komisiyo, bakemezwa umwe ukwe ku bwumvikane busesuye. Iyo butabonetse bemezwa ku bwiganze burunduye</p>	<p>(3) The chairperson of the commission of inquiry and the deputy chairperson, who is also responsible for report writing, are nominated by the Bureau of the relevant Chamber of Parliament from among the members of the commission of inquiry and approved by the Plenary Assembly by consensus on a case-by-case basis. Failing consensus, they are approved by an</p>	<p>(3) Le président d'une commission d'enquête et son vice-président, qui est également responsable de la rédaction du rapport, proposés par le Bureau de la Chambre du Parlement concernée parmi les membres de cette commission d'enquête et approuvés au cas par cas par l'Assemblée plénière par consensus. À défaut de consensus, ils sont approuvés à la majorité absolue des voix</p>

<p>bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p> <p>(4) Iyo ubwiganze burunduye buvugwa mu gika cya (1) n'icya (3) by'iyi ngingo butabonetse, Inteko Rusange isaba Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba gutanga abandi bakandida.</p> <p><b><u>Ingingo ya 37: Kumenyesha Guverinoma ishyingirwaho rya Komisiyo y'igenzura</u></b></p> <p>Iyo Inteko Rusange imaze gushyiraho Komisiyo y'igenzura, Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba abimenyesha mu nyandiko Minisitiri w'Intebe mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi, iyo ari we bireba cyangwa amusaba kubimenyesha undi ugize Guverinoma urebwa n'iryo genzura. Amumenyesha kandi abayigize, abayiyobora, inshingano zayo n'igihe yahawe cyo kurangiza imirimo yayo. Perezida wa Repubulika na Perezida w'undi Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bagenerwa kopi.</p>	<p>absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p> <p>(4) When the absolute majority provided for under Paragraphs (1) and (3) of this Article is not obtained, the Plenary Assembly asks the Bureau of the relevant Chamber of Parliament to nominate other candidates.</p> <p><b><u>Article 37: Notification to the Government of the establishment of a commission of inquiry</u></b></p> <p>The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament, after the establishment by the Plenary Assembly of a commission of inquiry, immediately notifies the Prime Minister in writing thereof within five working days where it is the Prime Minister himself or herself who is concerned or requests him or her to inform another Cabinet member concerned by the inquiry. Also, he or she notifies him or her of the members of the Commission, its leadership, its mandate and the time limit for the performance of its work. A copy of the notification is sent to the President of the Republic and the Presiding Officer of the other Chamber of Parliament.</p>	<p>des membres de l'Assemblée plénière présents en séance.</p> <p>(4) Lorsque la majorité absolue visée aux paragraphes (1) et (3) du présent article n'est pas obtenue, l'Assemblée plénière demande au Bureau de la Chambre du Parlement concernée de proposer d'autres candidats.</p> <p><b><u>Article 37 : Notification au Gouvernement de la constitution d'une commission d'enquête</u></b></p> <p>Le Président de la Chambre du Parlement concernée, après la constitution par l'Assemblée plénière d'une commission d'enquête, en fait notification par écrit au Premier Ministre dans les cinq jours ouvrables lorsque c'est ce dernier lui-même qui est concerné ou lui demande d'en informer un autre membre du Gouvernement concerné par la commission d'enquête. Il lui notifie également les membres de la Commission, ses dirigeants, son mandat et le délai lui imparti pour l'accomplissement de ses travaux. Une copie de cette notification est transmise au Président de la République et au Président de l'autre Chambre du Parlement.</p>
---	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 38: Gahunda y’ibikorwa n’ibikenerwa na Komisiyo y’igenzura</u></b></p> <p>(1) Komisiyo y’igenzura itegura gahunda y’ibikorwa ikerekana n’ibizakenerwa kugira ngo irangize inshingano yahawe, ikabishyikiriza Biro y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba mu gihe kitarenze iminsi itanu y’akazi ishyizweho.</p> <p>(2) Biro y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba igenera Komisiyo y’igenzura ibyangombwa byose n’abakozi ikeneye kugira ngo irangize inshingano zayo.</p>	<p><b><u>Article 38: Plan of activities of and resources required by a commission of inquiry</u></b></p> <p>(1) A commission of inquiry develops a plan of activities and specifies resources required for the performance of its mandate and submits them to the Bureau of the relevant Chamber of Parliament within five working days of the commission being established.</p> <p>(2) The Bureau of the relevant Chamber of Parliament puts at the commission of inquiry’s disposal all the material and human resources needed for the accomplishment of its mandate.</p>	<p><b><u>Article 38: Plan d’activités d’une commission d’enquête et ressources requises par elle</u></b></p> <p>(1) Une commission d’enquête élabore un plan d’activités et précise les ressources nécessaires à l’accomplissement de son mandat et les soumet au Bureau de la Chambre du Parlement concernée dans les cinq jours ouvrables suivant sa constitution.</p> <p>(2) Le Bureau de la Chambre du Parlement concernée met à la disposition de la commission d’enquête toutes les ressources matérielles et humaines dont elle a besoin pour accomplir son mandat.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 39: Kugira ibanga no kuvugisha ukuri</u></b></p> <p>(1) Buri wese mu bagize Komisiyo y’igenzura n’abakozi bayunganira batangira imirimo iyo bamaze gushyira umukono ku nyandiko igaragaza ko bazagira ibanga mu mirimo ya Komisiyo y’igenzura.</p> <p>(2) Umuntu wese Komisiyo y’igenzura ikeneyeho amakuru n’ibisobanuro cyangwa ubuhamya, abanza gushyira</p>	<p><b><u>Article 39: Maintaining confidentiality and telling the truth</u></b></p> <p>(1) Before taking up their duties, each member and support staff of the commission of inquiry signs a document by which he or she undertakes to maintain confidentiality throughout the work of the commission of inquiry.</p> <p>(2) Any person from whom a commission of inquiry requires information and clarifications or testimonies signs a</p>	<p><b><u>Article 39: Respecter la confidentialité et dire la vérité</u></b></p> <p>(1) Avant de commencer à assumer leurs tâches, chaque membre d’une commission d’enquête et le personnel d’appui de cette dernière signe un document par lequel il s’oblige à préserver la confidentialité pendant tous les travaux de cette commission d’enquête.</p> <p>(2) Toute personne auprès de laquelle une commission d’enquête a besoin d’informations et d’éclaircissements ou de</p>

<p>umukono ku nyandiko yemeza ko avugisha ukuri mbere y’uko Komisiyo y’igenzura itangira kumwumva.</p> <p>(3) Imiterere y’inyandiko zivugwa mu gika cya (1) n’icya (2) by’iyi ngingo igenwa na Biro y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba.</p>	<p>document by which he or she declares to tell the truth before being heard by the commission.</p> <p>(3) The format of the documents provided for under Paragraphs (1) and (2) of this Article is determined by the Bureau of the relevant Chamber of Parliament.</p>	<p>témoignages signe, avant d’être auditionnée par cette commission, un document par lequel il déclare dire la vérité.</p> <p>(3) Le format des documents visés aux paragraphes (1) et (2) du présent article est déterminé par le Bureau de la Chambre du Parlement concernée.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 40: Kurengera abakozi bunganira Komisiyo y’igenzura, abatangabuhamy n’abandi yakwifashisha</u></b></p> <p>Umukozi wunganira Komisiyo y’igenzura, umutangabuhamy cyangwa undi yakwifashisha ntashobora guhohoterwa, gutotezwa cyangwa guhungabanywa ku buryo ubwo ari bwo bwose kubera gushyira mu bikorwa inshingano za Komisiyo y’igenzura.</p>	<p><b><u>Article 40: Protection of support staff of the commission of inquiry, witnesses and other persons to whom the commission may have recourse</u></b></p> <p>A support staff member of the commission of inquiry, a witness or any other person to whom the commission of inquiry may have recourse can in no way be subjected to violence, persecution or harm in any form whatsoever as a result of contributing to the delivery of the commission of inquiry’s mandate.</p>	<p><b><u>Article 40 : Protection du personnel d’appui d’une commission d’enquête, des témoins et d’autres personnes auxquelles cette commission peut faire appel</u></b></p> <p>Un membre du personnel d’appui d’une commission d’enquête, un témoin ou toute autre personne à laquelle cette commission peut faire appel ne peut en aucun cas faire l’objet de violence, de persécution ou d’atteinte sous quelque forme que ce soit pour sa contribution à l’accomplissement du mandat de cette commission d’enquête.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 41: Inama ya Komisiyo y’igenzura</u></b></p> <p>Inama ya Komisiyo y’igenzura itumizwa kandi igaterana hakurikijwe ibiteganywa n’itegeko ngenga rigena imikorere ya buri Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba ku birebana n’itumizwa n’iterana by’inama ya</p>	<p><b><u>Article 41: Meeting of a commission of inquiry</u></b></p> <p>The convening and holding of the meeting of a commission of inquiry are done in accordance with the Organic Law determining the functioning of each relevant Chamber of Parliament with respect to the meeting of a</p>	<p><b><u>Article 41 : Réunion d’une commission d’enquête</u></b></p> <p>La convocation et la tenue de la réunion d’une commission d’enquête se font conformément aux dispositions de la loi organique portant fonctionnement de chaque Chambre du Parlement concernée en ce qui a trait à la</p>

<p>Komisiyo ihoraho. Icyakora, Inama ya Komisiyo y'igenzura yitabirwa gusa n'Abagize Komisiyo y'igenzura ya buri Mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba, abakozi bayunganira n'undi yakenera.</p>	<p>standing committee. However, only members of the commission of inquiry, its support staff and any other person to whom it may have recourse participate in the commission of inquiry's meeting.</p>	<p>convocation et à la tenue d'une commission permanente. Toutefois, seuls participent à la réunion d'une commission d'enquête de chaque Chambre du Parlement concernée ses membres, son personnel d'appui et toute autre personne à laquelle cette commission peut faire appel.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 42: Kuvugurura Komisiyo y'igenzura cyangwa kuyisimbuza indi</u></b></p>	<p><b><u>Article 42: Changing membership of or replacing a commission of inquiry</u></b></p>	<p><b><u>Article 42: Recomposition ou remplacement d'une commission d'enquête</u></b></p>
<p>Iyo Umudepite, Umusenateri cyangwa Biro y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba bagaragaje ko Komisiyo y'igenzura idakora akazi kayo neza, icyo kibazo gishyirwa ku rutonde rw'ibyigwa n'Inteko Rusange. Inteko Rusange ishobora kuvugurura Komisiyo cyangwa kuyisimbuza indi.</p>	<p>If a deputy, a Senator or the Bureau of the relevant Chamber of Parliament demonstrate that a commission of inquiry does not discharge its mandate effectively, the issue is placed on the agenda of the Plenary Assembly. The Plenary Assembly may change membership of or replace the commission.</p>	<p>Lorsqu'un député, un sénateur ou le Bureau de la Chambre du Parlement concernée démontrent qu'une commission d'enquête ne s'acquitte pas dûment de son mandat, cette question est inscrite à l'ordre du jour de l'Assemblée plénière. L'Assemblée plénière peut procéder à la recomposition ou au remplacement de cette commission.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 43: Raporo ya Komisiyo y'igenzura</u></b></p>	<p><b><u>Article 43: Report of a commission of inquiry</u></b></p>	<p><b><u>Article 43: Rapport d'une commission d'enquête</u></b></p>
<p>(1) Iyo Komisiyo y'igenzura irangije imirimo yayo ishyikiriza raporo Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba, ikagezwa ku Nteko Rusange.</p>	<p>(1) The commission of inquiry, upon completion of its work, submits its report to the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament, for presentation thereof before the Plenary Assembly.</p>	<p>(1) À la clôture de ses travaux, une commission d'enquête transmet son rapport au Président de la Chambre du Parlement concernée pour sa présentation devant l'Assemblée plénière.</p>
<p>(2) Icyakora, iyo igihe Komisiyo y'igenzura yahawe cyo kurangiza imirimo yayo isanze gikeneye kongerwa, ibimenyeshya</p>	<p>(2) However, if a commission of inquiry sees a need for the extension of the time limit laid down for the performance of its work,</p>	<p>(2) Si, toutefois, une commission d'enquête constate la nécessité de prolonger le délai qui lui a été imparti pour</p>

<p>mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba mbere y'uko icyo gihe kirangira, ikagaragaza iminsi y'inyongera ikenewe n'impamvu yayo. Inteko Rusange ikabifataho umwanzuro.</p>	<p>it informs the Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament in writing thereof before the expiry of the time limit, specifying the number of and reasons for required additional days, in which case the Plenary Assembly decide thereon.</p>	<p>l'accomplissement de ses travaux, elle en informe par écrit le Président de la Chambre du Parlement concernée avant l'expiration de ce délai, tout en précisant le nombre de jours supplémentaires requis et le motif pour ces derniers, auquel cas l'Assemblée plénière s'y prononce.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 44: Impaka kuri raporo ya Komisiyo y'igenzura n'ifatwa ry'icyemezo</u></b></p>	<p><b><u>Article 44: Debates on the report of a commission of inquiry and making a decision</u></b></p>	<p><b><u>Article 44: Débats sur le rapport d'une commission d'enquête et prise d'une décision</u></b></p>
<p>(1) Inteko Rusange y'Umutwe w'Inteko Ishinga Amategeko bireba ijya impaka kuri raporo ya Komisiyo y'igenzura.</p>	<p>(1) The Plenary Assembly of the relevant Chamber of Parliament holds debates on the report of the commission of inquiry.</p>	<p>(1) L'Assemblée plénière de la Chambre du Parlement concernée tient des débats sur le rapport d'une commission d'enquête.</p>
<p>(2) Impaka zisozwa n'icyemezo kigaragaza amakosa n'uruhare rw'ugize Guverinoma muri ayo makosa cyangwa kimuvanaho amakosa. Icyo cyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inteko Rusange bitabiriye inama.</p>	<p>(2) The debates end with a decision either stating the wrongdoings and the Cabinet member's share of responsibility for the wrongdoings or clearing him or her of any responsibility. Such a decision is taken by an absolute majority of the votes of the members of the Plenary Assembly present in the sitting.</p>	<p>(2) Les débats se clôturent par une décision sur des actes répréhensibles et la responsabilité reprochés au membre du Gouvernement dans ces actes ou le blanchissant. Cette décision est prise à la majorité absolue des voix des membres de l'Assemblée plénière présents à la séance.</p>
<p>(3) Inteko Rusange ishobora gufata icyemezo cyo gutangaza bimwe mu bigize raporo cyangwa raporo yose ya Komisiyo y'igenzura.</p>	<p>(3) The Plenary Assembly may decide to publish some or all of the elements of the report of the Commission of Inquiry.</p>	<p>(3) L'Assemblée plénière peut décider de publier une partie ou l'ensemble des éléments du rapport d'une commission enquête.</p>

<p><b><u>Ingingo ya 45: Koherereza inzego raporo ya Komisiyo y’igenzura</u></b></p> <p>Perezida w’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba yoherereza Perezida wa Repubulika kopi ya raporo n’imyanzuro byemejwe n’Inteko Rusange bikamenyeshwa Perezida w’undi Mutwe w’Inteko Ishinga Amategeko na Minisitiri w’Intebe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 46: Isozwa ry’imirimo ya Komisiyo y’igenzura</u></b></p> <p>(1) Komisiyo y’igenzura ivaho iyo Inteko Rusange imaze gufata umwanzuro kuri raporo yayo.</p> <p>(2) Iyo Komisiyo y’igenzura yashyikirijwe inyandiko z’umwimerere, isigarana kopi, inyandiko z’umwimerere zigasubizwa ba nyirazo.</p> <p>(3) Iyo Komisiyo y’igenzura isoje imirimo yayo, Biro yayo ishyikiriza Biro y’Umutwe w’Inteko Ishinga Amategeko bireba inyandiko zose zifashishijwe.</p> <p><b><u>Akiciro ka 5: Uburyo bwo kubarizwa mu ruhame rw’Inteko</u></b></p>	<p><b><u>Article 45: Transmission to organs of the report of a commission of inquiry</u></b></p> <p>The Presiding Officer of the relevant Chamber of Parliament transmits to the President of the Republic and the Prime Minister a copy of the report and resolutions adopted by the Plenary Assembly, with a copy for information to the Presiding Officer of the other Chamber of Parliament and to the Prime Minister.</p> <p><b><u>Article 46: Conclusion of the work of a commission of inquiry</u></b></p> <p>(1) The commission of inquiry ceases to exist upon adoption by the Plenary Assembly of a resolution on its report.</p> <p>(2) When a commission of inquiry receives original documents, it retains copies thereof and returns the originals to their owners.</p> <p>(3) When a commission of inquiry concludes its work, its bureau submits to the Bureau of the relevant Chamber of Parliament all the documents having been used.</p> <p><b><u>Subsection 5: Interpellation</u></b></p>	<p><b><u>Article 45 : Transmission du rapport d’une commission d’enquête aux organes</u></b></p> <p>Le Président de la Chambre du Parlement concernée transmet au Président de la République une copie du rapport et des résolutions adoptées par l’Assemblée plénière, avec une copie pour information au Président de l’autre Chambre du Parlement et au Premier ministre.</p> <p><b><u>Article 46 : Clôture des travaux d’une commission d’enquête</u></b></p> <p>(1) L’existence d’une commission d’enquête prend fin par l’adoption par l’Assemblée Plénière d’une résolution sur son rapport.</p> <p>(2) Lorsqu’une commission d’enquête se fait remettre des documents originaux, elle en garde copies et en retourne les originaux à leurs propriétaires.</p> <p>(3) Lorsqu’une commission d’enquête clôture ses travaux, son bureau soumet au Bureau de la Chambre du Parlement concernée tous les documents auxquels il a été fait recours.</p> <p><b><u>Sous-section 5 : Interpellation</u></b></p>
---	--	--

<p><b><u>Ingingo ya 47: Kubarizwa mu ruhame rw'Inteko</u></b></p> <p>(1) Kubarizwa mu ruhame rw'Inteko ni uburyo bukoreshwa n'Umutwe w'Abadepite mu kugenzura ibikorwa bya Guverinoma busaba ko ugize Guverinoma atanga ibisubizo mu Nteko Rusange nyuma y'uko raporo ya Komisiyo y'igenzura igaragaje uruhare rwe mu makosa akurikiranyweho.</p> <p>(2) Hashingiwe ku mwanzuro wafashwe n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite kuri raporo ya Komisiyo y'igenzura ko ugize Guverinoma yagize uruhare mu amakosa akurikiranyweho, Umudepite ashobora gusaba kubariza mu ruhame rw'Inteko ugize Guverinoma bireba. icyemezo cyo kubariza mu ruhame rw'Inteko gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bahari.</p>	<p><b><u>Article 47: Interpellation</u></b></p> <p>(1) Interpellation is a method used by the Chamber of Deputies as part of oversight over Government activities which requires that a Cabinet member provide answers in the plenary sitting after his or her being found in the report of a commission of inquiry to have a share of responsibility for wrongdoings alleged against him or her.</p> <p>(2) A deputy may, by virtue of a resolution adopted by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies on the report of a commission of inquiry stating a share of responsibility of a Cabinet member for wrongdoings alleged against him or her, request the interpellation of the Cabinet member concerned. The decision to conduct interpellation is adopted by the Plenary Assembly by an absolute majority of the votes of the deputies present.</p>	<p><b><u>Article 47 : Interpellation</u></b></p> <p>(1) L'interpellation est un moyen utilisé par la Chambre des Députés dans le cadre du contrôle de l'action gouvernementale et qui exige qu'un membre du Gouvernement fournisse des réponses en séance plénière après qu'il est établi, dans le rapport d'une commission d'enquête, qu'il a une part de responsabilité dans les actes répréhensibles allégués contre lui.</p> <p>(2) Un député peut, en vertu d'une résolution adoptée par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés sur le rapport d'une Commission d'enquête faisant état de la part de responsabilité du membre du Gouvernement dans les actes répréhensibles allégués contre ce dernier, demander l'interpellation d'un membre concerné du Gouvernement. La décision de procéder à l'interpellation est adoptée par l'Assemblée plénière à la majorité absolue des voix des députés présents.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 48: Gutumira ugize Guverinoma kubarizwa mu ruhame rw'Inteko</u></b></p> <p>(1) Perezida w'Umutwe w'Abadepite yohereza ibaruwa itumira kubarizwa mu ruhame rw'Inteko, Minisitiri w'Intebe iyo</p>	<p><b><u>Article 48: Summoning a Cabinet member for interpellation purposes</u></b></p> <p>(1) The Speaker of the Chamber of Deputies sends a letter of invitation to the Prime Minister, requesting him or her to appear</p>	<p><b><u>Article 48 : Convocation d'un membre du Gouvernement aux fins d'interpellation</u></b></p> <p>(1) Le Président de la Chambre des Députés envoie une lettre d'invitation aux fins d'interpellation au Premier Ministre, si</p>

<p>ari we bireba cyangwa amusaba kubimenyeshya undi ugize Guverinoma bireba. Ibaruwa itumira igaragaza amakosa ugize Guverinoma akurikiranyeho, umunsi, itariki n'isaha azitabira Inteko Rusange. Kopi y'iyo baruwa yohererezwa Perezida wa Repubulika na Perezida wa Sena.</p>	<p>for interpellation if it is the Prime Minister who is concerned, or requesting him or her to notify another Cabinet member concerned of such an invitation to appear for interpellation. Such an invitation letter specifies wrongdoings alleged against the Cabinet member concerned as well as the day, date and time of his or her appearance before the Plenary Assembly. A copy of the letter is sent to the President of the Republic and the President of the Senate.</p>	<p>c'est ce dernier qui est concerné, ou lui demande de notifier une telle invitation à l'autre membre du Gouvernement concerné. La lettre d'invitation précise les actes répréhensibles allégués contre le membre du Gouvernement, le jour, la date et l'heure de sa comparution devant l'Assemblée plénière. Une copie de cette lettre est envoyée au Président de la République et au Président du Sénat.</p>
<p>(2) Mu kugena itariki n'umunsi, Perezida w'Umutwe w'Abadepite yita ku gihe cyo kwitegura kigenerwa ugize Guverinoma wahamagajwe kubarizwa mu ruhame rw'Inteko. icyo gihe ntigishobora kujya munsi y'iminsi irindwi y'akazi ibarwa uhereye ku munsi Minisitiri w'Intebe yohererejweho urwandiko rutumira.</p>	<p>(2) When determining the date and day, the Speaker of the Chamber of Deputies takes into account the preparation period to be allowed to the Cabinet member summoned for interpellation. The period may not be less than seven working days from the date of the summons to appear being transmitted to the Prime Minister.</p>	<p>(2) En déterminant la date et le jour, le Président de la Chambre des Députés tient compte du temps de préparation à accorder au membre du Gouvernement convoqué à des fins d'interpellation. Ce délai ne peut être inférieur à sept jours ouvrables à compter du jour de transmission au Premier Ministre de la lettre de convocation.</p>
<p>(3) Minisitiri w'Intebe ashobora gusaba Perezida w'Umutwe w'Abadepite ko ugize Guverinoma wasabwe kwitaba kubarizwa mu ruhame rw'Inteko yongererwa igihe.</p>	<p>(3) The Prime Minister may request the Speaker of the Chamber of Deputies to grant an additional period of time to a Cabinet member summoned to appear for interpellation.</p>	<p>(3) Le Premier Ministre peut demander au Président de la Chambre des Députés d'accorder un délai supplémentaire à un membre du Gouvernement convoqué à des fins d'interpellation.</p>
<p>(4) Biro y'Umutwe w'Abadepite isuzuma ubwo busabe ikabufataho icyemezo, abagize Umutwe w'Abadepite bakakimenyeshya mu nyandiko.</p>	<p>(4) The Bureau of the Chamber of Deputies considers and decides on the request, with the members of the Chamber of Deputies being informed in writing of its decision.</p>	<p>(4) Le Bureau de la Chambre des Députés examine cette demande et s'y prononce, auquel cas les membres de la Chambre des Députés sont informés par écrit de sa décision.</p>

<p>(5) Igihe cy'inyongera ntigishobora kurenga iminsi irindwi y'akazi uhereye ku munsu Minisitiri w'Intebe yaboneye urwandiko rwemera kongererwa igihe. Kongera igihe ntibishobora kuba inshuro irenze imwe.</p>	<p>(5) The additional period of time may not exceed seven days from the date of receipt by the Prime Minister of a letter granting the extension. The deadline may not be extended more than once.</p>	<p>(5) Le délai supplémentaire ne peut dépasser sept jours ouvrables à compter de la réception par le Premier Ministre d'une lettre lui accordant la prorogation du délai. La prorogation du délai ne peut se faire plus d'une fois.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 49: Gutanga ibisubizo mu ruhame rw'Inteko</u></b></p>	<p><b><u>Article 49: Provision of answers during interpellation</u></b></p>	<p><b><u>Article 49 : Fourniture de réponses lors de l'interpellation</u></b></p>
<p>(1) Mbere y'uko ugize Guverinoma bireba atanga ibisubizo mu ruhame rw'Inteko, Visi Perezida w'Umutwe w'Abadepite ufite mu nshingano kugenzura ibikorwa bya Guverinoma abanza gusomera mu ruhame rw'Inteko incamake y'ibikubiye muri raporo y'igenzura n'amakosa ugize Guverinoma akurikiranyeho asabwa kwisobanuraho.</p>	<p>(1) Before a Cabinet member provides answers as part of interpellation, the Deputy Speaker of the Chamber of Deputies in charge of parliamentary affairs first reads out, during an interpellation session, a summary of the inquiry report as well as wrongdoings alleged against the Cabinet member and in respect of which the Cabinet member is asked to justify himself or herself.</p>	<p>(1) Avant qu'un membre du Gouvernement concerné fournisse des réponses dans le cadre de l'interpellation, le Vice-président de la Chambre des Députés ayant les affaires parlementaires dans ses attributions donne, lors d'une séance d'interpellation, d'abord lecture de la synthèse du rapport d'enquête et des irrégularités alléguées contre un membre du Gouvernement et au regard desquelles il est demandé à ce dernier de se justifier.</p>
<p>(2) Ugize Guverinoma ahabwa umwanya wo gutanga ibisubizo ikosa ku rindi, Abadepite bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo.</p>	<p>(2) A Cabinet member is given the floor to provide answers on a wrongdoing-by-wrongdoing basis. The floor is opened up for questions and comments from deputies.</p>	<p>(2) Un membre du Gouvernement se voit accorder la parole pour fournir des réponses acte répréhensible par acte répréhensible. Les députés se voient accorder la parole pour questions et commentaires.</p>
<p>(3) Uretse iyo Inteko Rusange ibyemeje ukundi, ibibazo byose bibarizwa mu</p>	<p>(3) Unless otherwise decided by the Plenary Assembly, all the questions posed through interpellation must be answered</p>	<p>(3) À moins que l'Assemblée plénière n'en décide autrement, les réponses à toutes les questions posées lors de l'interpellation</p>

<p>ruhame rw'Inteko bigomba gusubirizwa mu nama byagiriwemo impaka.</p> <p><b><u>Ingingo ya 50:</u> Ifatwa ry'icyemezo mu gihe cyo kubariza mu ruhame rw'Inteko</b></p> <p>Mu gihe cyo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko, impaka zisozwa n'itora ryemeza ko nta makosa ahama ugize Guverinoma bireba cyangwa ko amakosa amuhama. Itora rikorwa mu ibanga, icyemezo gifatwa ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'Abadepite bitabiriye Inteko Rusange.</p> <p><b><u>UMUTWE WA III: GUKURAHU ICYZERE UGIZE GUVERINOMA</u></b></p> <p><b><u>Ingingo ya 51:</u> Gukuraho icyizere n'uko bikorwa</b></p> <p>(1) Gukuraho icyizere ni icyemezo gifatwa n'Inteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite mu gihe ikemanze ibikorwa bya Guverinoma, iby'umwe cyangwa benshi mu bayigize mu gihe cyo kubarizwa mu ruhame rw'Inteko.</p>	<p>during the sitting in which debates thereon are held.</p> <p><b><u>Article 50:</u> Adoption of a decision during interpellation</b></p> <p>Debates during interpellation end with a vote clearing a Cabinet member of or finding him or her responsible for alleged wrongdoings. Voting is by secret ballot, and the decision is adopted by an absolute majority of the votes of the deputies present in the plenary sitting.</p> <p><b><u>CHAPTER III: VOTE OF NO CONFIDENCE AGAINST A CABINET MEMBER</u></b></p> <p><b><u>Article 51:</u> Vote of no confidence and related procedures</b></p> <p>(1) A vote of no confidence is a decision adopted by the Plenary Assembly of the Chamber of Deputies in the event of calling into question the performance of the Cabinet, that of one or more Cabinet members during interpellation.</p>	<p>doivent être données au cours de la séance dans laquelle ces questions font l'objet de débats.</p> <p><b><u>Article 50 :</u> Adoption d'une décision lors de l'interpellation</b></p> <p>Les débats lors de l'interpellation se clôturent par un vote blanchissant le membre du Gouvernement concerné ou lui imputant les actes répréhensibles allégués. Le vote se fait au scrutin secret et la décision est adoptée à la majorité absolue des voix des députés présents à la séance plénière.</p> <p><b><u>CHAPITRE III: VOTE DE CENSURE CONTRE UN MEMBRE DU GOUVERNEMENT</u></b></p> <p><b><u>Article 51:</u> <del>Votre</del> Vote de censure et procédures y relatives</b></p> <p>(1) Le vote de censure est une décision adoptée par l'Assemblée plénière de la Chambre des Députés en cas de mise en cause par elle de la responsabilité du Gouvernement, de celle d'un ou de plusieurs membres de ce dernier lors de l'interpellation.</p>
---	--	---

<p>(2) Iyo Inteko Rusange ifashe icyemezo cy'uko ugize Guverinoma ahamwe n'amakosa mu gihe cyo kubarizwa mu ruhamwe rw'Inteko, abagize Umutwe w'Abadepite bashyikiriza mu nyandiko Perezida w'Umutwe w'Abadepite icyifuzo cyo gukuraho icyizere ugize Guverinoma. Icyo cyifuzo cyakirwa iyo gishyizweho umukono nibura na kimwe cya gatatu cy'abagize Umutwe w'Abadepite iyo bireba umwe mu bagize Guverinoma cyangwa kimwe cya gatatu nibura iyo bireba Guverinoma yose.</p>	<p>(2) When during interpellation the Plenary Assembly adopts a decision attributing wrongdoings to a Cabinet member, members of the Chamber of Deputies submit a motion of no confidence against such a Cabinet member in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies. Such a motion may be introduced only if signed by at least one fifth of the members of the Chamber of Deputies in the case of an individual Cabinet member, or by at least one third in the case of the entire Cabinet.</p>	<p>(2) Lorsque, au cours de l'interpellation, l'Assemblée plénière adopte une décision imputant des actes répréhensibles à un membre du Gouvernement, les membres de la Chambre des Députés déposent par écrit au Président de la Chambre des Députés une motion de censure contre ce membre du Gouvernement. Cette motion de censure n'est recevable que si elle est signée par au moins un cinquième des membres de la Chambre des Députés dans le cas d'un membre individuel du Gouvernement ou par au moins un tiers dans le cas de l'ensemble du Gouvernement.</p>
<p>(3) Icyemezo cyo kuvanaho icyizere ntigishobora gutorwa hadashize nibura amasaha 48 kuva itora ry'icyo cyemezo risabwe, cyemezwa gusa kandi n'itora ribereye mu ibanga ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'abagize Umutwe w'Abadepite.</p>	<p>(3) A motion of no confidence cannot be voted upon prior to the expiry of at least 48 hours after its presentation and it is adopted through a secret ballot by at least a two-thirds majority vote of the members of the Chamber of Deputies.</p>	<p>(3) Le vote d'une motion de censure ne peut avoir lieu que 48 heures au moins après le dépôt de la motion, et celle-ci ne peut être adoptée qu'au scrutin secret et à la majorité des deux tiers des membres de la Chambre des Députés.</p>
<p>(4) Iyo isozwa ry'igihembwe gisanzwe cyangwa kidasanzwe rihuriranye no gukuraho icyizere, rirasubikwa kugira ngo hakorwe ibiteganywa n'iyi ngingo.</p>	<p>(4) If the closing of the ordinary or extraordinary session coincides with a vote of no confidence, the closing is adjourned to enable the application of the provisions of this Article.</p>	<p>(4) Lorsque la clôture de la session ordinaire ou extraordinaire coïncide avec la censure, la clôture est ajournée pour permettre l'application des dispositions du présent article.</p>
<p>(5) Perezida w'Umutwe w'Abadepite amenyesha mu nyandiko Perezida wa</p>	<p>(5) The Speaker of the Chamber of Deputies notifies the President of the Republic in</p>	<p>(5) Le Président de la Chambre des Députés notifie par écrit au Président de la</p>

<p>Repubulika ko Minisitiri w’Intebe cyangwa undi ugize Guverinoma bireba yakuweho icyizere. Iyo nyandiko imenyeshwa Perezida wa Sena na Minisitiri w’Intebe.</p> <p>(6) Iyo gukurwaho icyizere bidatowe, abashyize umukono ku nyandiko ibisaba ntibemerewe kongera kubisaba muri icyo gihembwe.</p> <p><b><u>Ingingo ya 52: Iyegura ritewe no kuvanwaho icyizere</u></b></p> <p>(1) Umwe mu bagize Guverinoma wakuweho icyizere agomba gushyikiriza Perezida wa Repbulika ukwegura kwe abinyujije kuri Minisitiri w’Intebe.</p> <p>(2) Iyo ari Guverinoma yose yakuweho icyizere, Minisitiri w’Intebe ashyaikiriza Perezida wa Repbulika ukwegura kwa Guverinoma.</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV: GUSABA KUGARAGARIZA ICYIZERE IBIKORWA BYA GUVERINOMA</u></b></p>	<p>writing that the Prime Minister or any other Cabinet member concerned has been the subject of a vote of no confidence. A copy of such a notification is sent to the President of the Senate and to the Prime Minister.</p> <p>(6) In case a motion of no confidence is rejected, signatories to the motion are not allowed to introduce a similar motion during the same session.</p> <p><b><u>Article 52: Resignation due to a vote of no confidence</u></b></p> <p>(1) A Cabinet member against whom a vote of no confidence is passed tenders his or her resignation to the President of the Republic through the Prime Minister.</p> <p>(2) When the vote of no confidence is passed against the entire Cabinet, the Prime Minister tenders a resignation of the entire Cabinet to the President of the Republic.</p> <p><b><u>CHAPTER IV: REQUEST FOR A VOTE OF CONFIDENCE FOR GOVERNMENT ACTIVITY PROGRAMME</u></b></p>	<p>République que le Premier Ministre ou tout autre membre concerné du Gouvernement a fait l’objet d’une motion de censure. Une copie d’une telle notification est réservée au Président du Sénat et au Premier Ministre.</p> <p>(6) Si une motion de censure est rejetée, ses signataires ne sont pas permis d’en proposer une nouvelle au cours de la même session.</p> <p><b><u>Article 52: Démission à la suite d’une motion de censure</u></b></p> <p>(1) Un membre du Gouvernement contre lequel est adoptée une motion de censure présente sa démission au Président de la République par le biais du Premier Ministre.</p> <p>(2) Lorsque la motion de censure est adoptée contre l’ensemble du Gouvernement, le Premier Ministre présente la démission de l’ensemble du Gouvernement au Président de la République.</p> <p><b><u>CHAPITRE IV : DEMANDE D’UN VOTE DE CONFIANCE SUR LE PROGRAMME D’ACTIVITÉS DU GOUVERNEMENT</u></b></p>
--	--	---

<p><b><u>Ingingo ya 53: Kugaragariza icyizere ibikorwa bya Guverinoma n’uko bikorwa</u></b></p> <p>(1) Kugaragarizwa icyizere ni icyemezo gifatwa n’abagize Umutwe w’Abadepite bagaragariza icyizere Minisitiri w’Intebe bemeza gahunda y’ibikorwa bya Guverinoma cyangwa umushinga w’itegeko yabagejeho.</p> <p>(2) Bimaze kwemezwa n’Inama y’Abaminisitiri, Minisitiri w’Intebe ashobora gusaba abagize Umutwe w’Abadepite kumugaragariza icyizere haba mu kwemeza gahunda y’ibikorwa bya Guverinoma cyangwa mu gutora umushinga w’itegeko.</p> <p>(3) Minisitiri w’Intebe ashyikiriza mu nyandiko Perezida w’Umutwe w’Abadepite ubusabe bwo kugaragarizwa icyizere, na we akabugeza ku Badepite.</p>	<p><b><u>Article 53: Vote of confidence for Government activity programme and related procedures</u></b></p> <p>(1) A vote of confidence is a decision adopted by members of the Chamber of Deputies by expressing their confidence in the Prime Minister through the approval of the Government activity programme a draft Law presented before them by the Prime Minister.</p> <p>(2) The Prime Minister may, upon approval by Cabinet, request the Chamber of Deputies to pass a vote of confidence either with respect to the approval of Government activity programme or adoption of a draft law.</p> <p>(3) The Prime Minister submits a request for a vote of confidence in writing to the Speaker of the Chamber of Deputies who, in turn, transmits the request to deputies.</p>	<p><b><u>Article 53: Vote de confiance sur le programme d’activités du Gouvernement et procédures y relatives</u></b></p> <p>(1) Le vote de confiance est une décision adoptée par les membres de la Chambre des Députés en accordant leur confiance au Premier Ministre par l’approbation du programme d’activités du Gouvernement ou d’un projet de loi présenté devant eux par lui.</p> <p>(2) Le Premier Ministre peut, après approbation par le Conseil des Ministres, engager la responsabilité du Gouvernement devant la Chambre des Députés en requérant le vote de confiance, soit sur l’approbation du programme d’activités du Gouvernement, soit sur le vote d’un projet de loi.</p> <p>(3) Le Premier Ministre dépose par écrit une demande d’un vote de confiance auprès du Président de la Chambre des Députés qui, à son tour, transmet la demande aux députés.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 54: Impaka n’icyemezo byerekeye kugaragarizwa icyizere</u></b></p> <p>(1) Impaka zerekeye kugaragarizwa icyizere ntizishobora kugibwa mbere y’iminsi itatu</p>	<p><b><u>Article 54: Debate and decision on a request for a vote of confidence</u></b></p> <p>(1) The debate on the request for a vote of confidence can only take place after three</p>	<p><b><u>Article 54: Débat et décision sur la demande d’un vote de confiance</u></b></p> <p>(1) Le débat sur la demande d’un vote de confiance ne peut intervenir que trois jours</p>

<p>yuzuye uhereye igihe icyo kibazo cyakiriwe n'Umutwe w'Abadepite.</p>	<p>complete days from the time the request was received by the Chamber of Deputies.</p>	<p>francs après qu'elle a été reçue par la Chambre des Députés.</p>
<p>(2) Mu Nteko Rusange yerekeye kugaragarizwa icyizere, mbere y'impaka, Minisitiri w'Intebe abanza guhabwa umwanya kugira ngo ageze ku Nteko Rusange gahunda y'ibikorwa bya Guverinoma cyangwa umushinga w'itegeko asabira kugaragariza icyizere. Abadepite bahabwa umwanya wo kubaza ibibazo no gutanga ibitekerezo iyo bihari, Minisitiri w'Intebe atanga ibisubizo.</p>	<p>(2) During the plenary sitting devoted to the vote of confidence in Government activities, the Prime Minister is, before the opening of debates, given the floor to present before the Plenary Assembly the Government activity programme or draft law in respect of which he or she requests a vote of confidence. The floor is opened up for questions and comments, if any, from deputies, with the Prime Minister giving answers.</p>	<p>(2) Lors de la séance plénière consacrée au vote de confiance, le Premier Ministre se voit, avant l'ouverture des débats, accorder la parole pour présenter devant l'Assemblée plénière le programme d'action gouvernemental ou un projet de loi au regard duquel il demande un vote de confiance. La parole est accordée aux députés pour questions et commentaires, le cas échéant, auquel cas le Premier Ministre donne des réponses.</p>
<p>(3) Mu gihe kugaragarizwa icyizere bishingiye ku kwemeza umushinga w'itegeko, Minisitiri w'Intebe asaba kugaragarizwa icyizere binyuze mu kuwutorera mu Nteko Rusange.</p>	<p>(3) When the vote of confidence is on the adoption of a draft law, the Prime Minister requests a vote of confidence by putting it to the vote in the plenary sitting.</p>	<p>(3) Lorsque le vote de confiance porte sur l'adoption d'un projet de loi, le Premier Ministre sollicite un vote de confiance en le soumettant au vote en séance plénière.</p>
<p>(4) Kutagaragariza Minisitiri w'Intebe icyizere bikorwa gusa binyuze mu itora rikozwe mu ibanga kandi ku bwiganze bwa bibiri bya gatatu by'amajwi y'Abagize Umutwe w'Abadepite.</p>	<p>(4) A vote of no confidence may only be passed through a secret ballot by a two-thirds majority of the members of the Chamber of Deputies.</p>	<p>(4) La confiance ne peut être refusée que par un vote au scrutin secret à la majorité des deux tiers des membres de la Chambre des Députés.</p>
<p>(5) Iyo Umutwe w'Abadepite wimye Minisitiri w'Intebe icyizere, ashyikiriza Perezida wa Repubulika ukwegura kwa Guverinoma mu gihe kitarenze amasaha 24.</p>	<p>(5) When the Chamber of Deputies denies confidence to the Prime Minister, he or she tenders a resignation of Cabinet to the President of the Republic, within 24 hours.</p>	<p>(5) Lorsque la Chambre des Députés refuse la confiance au Premier Ministre, il présente au Président de la République la démission du Gouvernement, dans un délai de 24 heures.</p>

<p><b>UMUTWE WA V: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</b></p>	<p><b>CHAPTER V: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE V: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</b></p>
<p><b><u>Ingingo ya 55:</u> Igitabo cyandikwamo ibibazo byerekeranye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma</b></p>	<p><b><u>Article 55:</u> Register of questions related to oversight over Government activities</b></p>	<p><b><u>Article 55:</u> Registre des questions ayant trait au contrôle de l'action gouvernementale</b></p>
<p>Ibibazo byerekeranye no kugenzura ibikorwa bya Guverinoma byandikwa mu gitabo cyabigenewe. Handikwamo kandi ibyemezo byafashwe kuri buri kibazo.</p>	<p>Questions related to oversight over Government activities are entered in a register intended for that purpose. Also entered in the register are decisions made on each of the questions.</p>	<p>Les questions relatives au contrôle de l'action gouvernementale sont consignées dans un registre prévu à cet effet. Sont également consignées dans ce registre les décisions prises sur chacune de ces questions.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 56:</u> Ingingo y'ururimi</b></p>	<p><b><u>Article 56:</u> Language provision</b></p>	<p><b><u>Article 56:</u> Disposition linguistique</b></p>
<p>Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p>	<p>This Organic Law was drafted, considered and adopted in Ikinyarwanda.</p>	<p>La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.</p>
<p><b><u>Ingingo ya 57:</u> Ingingo ivanaho</b></p>	<p><b><u>Article 57:</u> Repealing provision</b></p>	<p><b><u>Article 57:</u> Disposition abrogatoire</b></p>
<p>Itegeko ngenga n° 03/2005 ryo ku wa 25/02/2005 rigena uburyo Inteko Ishinga Amategeko imenya kandi ikagenzura ibikorwa n'imikorere bya Guverinoma n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo, bivanyweho.</p>	<p>Organic Law n° 03/2005 of 25/02/2005 determining the methods the Parliament uses to obtain information and exercises oversight of government action and all prior legal provisions contrary to this Organic Law are repealed.</p>	<p>La Loi organique n° 03/2005 du 25/02/2005 relative aux moyens d'information et de contrôle du Parlement à l'égard de l'action gouvernementale et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi organique sont abrogées.</p>

*Official Gazette n° Special of 26/03/2024*

<b><u>Ingingo ya 58: Gutangira gukurikizwa</u></b>	<b><u>Article 58: Entry into force</u></b>	<b><u>Article 58 : Entrée en vigueur</u></b>
Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal officiel de la République du Rwanda.

Kigali, on 15/03/2024

(sé)

**KAGAME Paul**  
Perezida wa Repubulika  
President of the Republic  
Président de la République

(sé)

**Dr NGIRENTE Edouard**  
Minisitiri w'Intebe  
Prime Minister  
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:  
Seen and sealed with the Seal of the Republic:  
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

**Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel**  
Minisitiri w'Ubutabera n'Intumwa Nkuru ya Leta  
Minister of Justice and Attorney General  
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux